# Imvaho Nshya


Soma Usobanukirwe Buri Munsi

NO .E-40 | TARIKI 18 - 24 UGUSHYINGO 2025 | RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA | TEL: +250 785 474 045 | E-mail: info@rpc.rw





AMAKURU




Perezida Kagame na Emir wa Qatar bishimiye ibiganiro 2

AMAKURU




U Rwanda rwanyomoje ibyo gutakaza abashoramari ba USA 8

AMAKURU



RBC yatanze impuruza ku dukoko tutagishoboye kuvurwa n'imiti 9

MUNTARA



Urubyiruko rusabwa guhangana n'abasebya u Rwanda ku mbuga nkoranyambaga 14


# Ubukungu bw'u Rwanda bukomeje kuzamuka neza– BNR

**KAYITARE Jean Paul**

***Banki Nkuru y'u Rwanda, BNR, yatangaje ko ubukungu bw'u Rwanda bukomeje kuzamuka neza. Ivuga ko iyo ubukungu buhagaze neza n'ibicuruzwa ku isoko bihari, impinduka ziba zihari ari uko ibiciro biba bizagenda bimanuka.***

Imibare mishya igaragaza ko izamuka ry'ibiciro mu gihembwe cya gatatu ryabarirwaga kuri 7.2% mu gihe ryari rizamutse rivuye kuri 6.7% mu gihembwe cya kabiri cy'umwaka wa 2025.

Ni mu gihe imibare ya Banki Nkuru y'u Rwanda yerekana ko muri rusange muri uyu mwaka izamuka ry'ibiciro rizaba ribarirwa kuri 6.9%, mu gihe umwaka utaha wa 2026 izamuka ry'ibiciro rizaba ribarirwa kuri 5.8%.

Muri rusange izamuka ry'ibiciro ntabwo rizarenga imbago Banki Nkuru y'u Rwanda ishyiraho, riri hagati ya 2% ndetse na 8%, byose bigakorwa hagamijwe kureberera ibijyanye

KOMEZA KU RUP.3

# Perezida Kagame yaganiriye na mugenzi we Touadéra ku bufatanye



**Perezida Paul Kagame yakiriye mugenzi we wa Santarafurika Faustin-Archange Touadéra**

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Perezida Paul Kagame yagiranye ibiganiro na mugenzi we wa Repubulika ya Santarafurika Faustin-Archange Touadéra watangiye uruzinduko rw'akazi rw'iminsi ibiri, baganira ku bufatanye busanzwe hagati y'ibihugu byombi.***

Ku mugoroba wo ku Cyumweru tariki ya 23 Ugushyingo, Perezida wa Repubulika Paul Kagame yamwakiriye, bagirana ibiganiro byibanze ku bufatanye busanzweho hagati y'ibihugu byombi, harimo n'inkunga u Rwanda rukomeje gutanga binyuze mu ngabo z'u Rwanda ziri mu bikorwa byo kubungabunga umutekano muri icyo gihugu hakurikijwe amasezerano y'ubufatanye mu by'umutekano, ndetse n'iziri mu butumwa bw'Umuryango w'Abibumbye.


Abakuru b'Ibihugu byombi kandi baganiriye ku buryo bwo gukomeza gushimangira ubufatanye binyuze mu nzego zinyuranye zigirira akamaro abaturage ba Repubulika ya Santarafurika n'u Rwanda.

Urwo ruzinduko rugamije kurushaho gushimangira umubano mwiza usanzwe hagati y'u Rwanda na Santarafurika, ku Kibuga cy'Indege Mpuzamahanga cya Kigali i Kanombe Perezida Touadéra akaba yakiriwe na Minisitiri w'Umutekano Dr Biruta Vincent.

KOMEZA KU RUP.3

SOMA IMVAHO NSHYA, IGUHE AMAKURU AGEZWEHO BURI MUNSI

# Perezida Kagame na Emir wa Qatar bishimiye ibiganiro bagiranye



Perezida Paul Kagame na Emir wa Qatar banyuzwe n'ibiganiro bagiranye

**ZIGAMA Theoneste**

***Perezida Kagame na Emir wa Qatar Sheikh Tamim bin Hamad Al Thani bishimiye ko bagiranye ibiganiro byubaka umubano ukomeye kandi uteza imbere ibihugu byombi.***

Ni mu butumwa abo bayobozi batangaje ku mbuga zabo za X, ku wa Gatanu tariki ya 21 Ugushyingo 2025.

Perezida Kagame yatangaje ko ibiganiro yagiranye na mugenzi we wa Qatar bifite akamaro gakomeye.

Yagize ati: "Ndashimira umuvandimwe n'inshuti yanjye, Nyakubahwa Sheikh Tamim bin Hamad Al Thani, ku ruzinduko yagiriye mu Rwanda no ku biganiro by'ingirakamaro twagiranye.

U Rwanda rwishimira cyane ubufatanye bukomeye rufitanye na Leta ya Qatar ndetse n'ubushuti bwihariye bukomeje kuyobora imikoranire yacu.

Twiteguye kubakira ku mubano n'intambwe twagezeho muri uru ruzinduko no guteza imbere iby'ingenzi duhuriyeho ku nyungu z'ibihugu byacu n'abaturage babyo.

Emir wa Qatar Sheikh Tamim bin yatangaje ko yishimiye uruzinduko yagiriye mu Rwanda by'umwihariko ibiganiro yagiranye na Perezida Kagame ashimangira ko bitanga icyizere ku mubano mwiza bafitanye.

Yagize ati: "Ibiganiro byagutse byampuje n'inshuti yanjye, Perezida Paul Kagame, mu rwego rw'ubutwererane duhuriyeho bwo guteza imbere amahirwe yo gukomeza gufatanya hagati y'ibihugu byacu.

Qatar n'u Rwanda byunze ubumwe mu butwererane bukomeye kandi bugenda burushaho kwiyongera, kandi biri gutera intambwe zihuse bigana ku musingi w'amahirwe mashya yo gukorana no kungukira hamwe.

Emir wa Qatar kandi yashimye Perezida Kagame kuba yaragaragaje umuhate mu gushakira amahoro Akarere u Rwanda ruherereyemo.

Yagize ati: "Nshima umuhate wa Nyakubahwa Perezida mu gushyigikira ibikorwa bigamije kubungabunga amahoro mu karere k'ibihugu bituranye n'igihugu cye."

Mbere y'uko abo bayobozi bagirana ibiganiro, Perezida Kagame yakiriye Umuyobozi w'Ikirenga wa Qatar, Sheikh Tamim bin Hamad Al-Thani, ku wa Kane tariki ya 20 Ugushyingo 2021, ku Kibuga cy'Indege Mpuzamahanga cya Kigali, mbere yo kwerekeza i Kibugabuga, mu Karere ka Bugesera, ahari urwuri rwe, ari na ho ibiganiro by'abo bayobozi byabereye.

Emir wa Qatar yari mu ruzinduko rw'akazi rw'iminsi 2 mu Rwanda, kuva ku ya 20-21 Ugushyingo 2025.

Ni uruzindo rufite aho ruhuriye no gutsura umubano utajegajega ibihugu byombi bisanzwe bifitanye cyane cyane ushingiye ku bukungu no mu bubanyi n'amahanga.

Perezida Kagame yagabiye Emir wa Qatar inka z'Inyamabo, nyuma yo kumutembereza mu rwuri rwe mu Karere ka Bugesera.

Bombi baheruka guhura mu ntangiriro z'Ugushyingo 2025 i Doha, ubwo Perezida Kagame yari yitabiriye Inama Mpuzamahanga yigaga ku iterambere rusange. Icyo gihe baganiriye ku guteza imbere umubano w'ibihugu byombi n'imikoranire.

Emir wa Qatar yaherukaga mu Rwanda muri Nyakanga 2022, ubwo yari umushyitsi wihariye mu Nama y'Abayobozi b'Ibihugu na za Guverinoma bigize Umuryango wa Commonwealth (CHOGM), yabereye i Kigali.

Mu mwaka wa 2019, Emir wa Qatar yasuye u Rwanda, icyo gihe hasinywe amasezerano mu nzego zitandukanye zirimo ubufatanye mu bijyanye n'umuco, siporo n'ubukerarugendo.

U Rwanda na Qatar ni ibihugu bifitanye umubano utajegajega

U Rwanda na Qatar bifitanye umubano w'ubufatanye mu nzego zitandukanye, zirimo ishoramari, ubukerarugendo n'ubwikorezi.

Qatar yagize uruhare rukomeye mu kubaka umushinga wose wo kubaka ikibuga cy'indege cya Kigali kiri mu Karere ka Bugesera, witezweho gutwara miliyari 2 z'amadolari y'Amerika, ni ukuvuga tiriyari zisaga 2.8 z'amafaranga y'u Rwanda, kizaba kiri ku mwanya wa kabiri mu bibuga by'indege mpuzamahanga bigezweho muri Afurika y'Iburasirazuba nyuma y'icya Ethiopia.

Qatar Airways ifite imigabane ya 60% muri RwandAir, ni umufatanyabikorwa w'ingenzi mu iyubakwa ry'icyo kibuga cy'indege cyitezweho kongera urujya n'uruza rw'abagenzi mu Karere k'Afurika y'Iburasirazuba.

Ni ikibuga cyitezweho kuzakira abasaga miliyoni 14 buri mwaka bakinyuraho baza mu Rwanda n'abajya hirya no hino ku Isi.

Mu rwego rw'umutekano kandi ibihugu byombi bifatanya mu bijyanye n'amahugurwa y'ingabo no guhangana n'ibitero by'ikoranabuhanga.

Qatar ni umuhuza ugamije kugarura amahoro n'umutekano mu Karere u Rwanda ruherereyemo by'umwihariko ibijyanye n'umutekano muke mu Burasirazaba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi.





# Perezida Kagame yaganiriye na mugenzi we Touadéra ku bufatanye

IBIKURIKIRA URUP.1

Umubano w'u Rwanda na Repubulika ya Santarafurika (CAR) urangwa n'ubufatanye bukomeye, cyane cyane mu bijyanye n'umutekano n'amahoro, hakiyongeraho ibiganiro bya Politiki byo ku rwego rwo hejuru n'ibindi.

Mu birebana n'umutekano mu kubungabunga amahoro, Ingabo na Polisi by'u Rwanda bigira uruhare runini mu kugarura no kubungabunga umutekano muri icyo gihugu.

Guhera mu mwaka wa 2014, u Rwanda rusimburanya ingabo na Polisi boherezwa mu butumwa bw'Amahoro bw'Umuryango w'Abibumbye (MINUSCA).

Inzego z'umutekano z'u Rwanda zizwiho gucungira umutekano Umujyi wa Bangui ndetse n'ibindi bice by'ingenzi by'igihugu, kurinda Umukuru w'Igihugu n'abandi banyacyubahiro ndetse zikaba zinagirana umubano mwiza n'abaturage baho.

Usibye ubutumwa bwa Loni, ibihugu byombi bifitanye amasezerano y'ubufatanye mu bya gisirikare, aho u Rwanda rwohereje abasirikare barwo mu buryo butaziguye gufasha Santarafurika mu kurwanya imitwe yitwaje intwaro no kugarura ituze.

Abayobozi b'ibihugu byombi, barimo Perezida Paul Kagame na mugenzi we wa Santarafurika Faustin-Archange Touadéra, bahura kenshi ndetse bagashimangira ko umubano hagati yabo ari mwiza cyane kandi ufite intego yo guteza imbere ibihugu byombi n'Akarere.

Muri Santarafurika haba kandi hakanakorera umuryango mugari w'Abanyarwanda, barimo n'abari mu butumwa bw'amahoro, bizihiza iminsi mikuru y'igihugu cyabo bakanagira uruhare mu mibereho y'aho batuye babifashijwemo na Ambasade y'u Rwanda i Bangui.

Umubano w'ibihugu byombi ufatwa nk'intangarugero mu kugaragaza ubufatanye bw'ibihugu bya Afurika mu gukemura ibibazo by'Abanyafurika, cyane cyane mu bijyanye n'amahoro n'umutekano no guharanira iterambere rirambye ry'abaturage.

Ibihugu byombi byiyemeje kurushaho kwagura ubutwererane bushingiye ku bucuruzi n'ishoramari, urwego rw'imari, umuco no guhererekanya ubumenyi.

# Ubukungu bw'u Rwanda bukomeje kuzamuka neza– BNR

IBIKURIKIRA URUP.1

na Politiki y'ifaranga ndetse n'ubukungu bw'Igihugu.

Byagarutsweho na Joy Iradukunda, Umuyobozi w'Agashami gashinzwe isesengura rya Politiki y'ifaranga muri BNR, mu kiganiro 'Dusangire Ijambo' cyatambutse kuri iki Cyumweru tariki 23 Ugushyingo, kuri RBA.

Hari mu kiganiro kivuga uko ubukungu bw'u Rwanda buhagaze n'impamvu Banki Nkuru y'u Rwanda yagumishije urwunguko rwayo kuri 6.75%.

Iradukunda asobanura ko uko ubukungu buba bwifashe ku Isi bigiraho ingaruka kuko nk'igihugu gihahirana n'ibindi bihugu, uko ibiciro biba bihagaze, uko umusaruro uba uhagaze ku rwego mpuzamahanga, hari ingaruka cyangwa impinduka zishobora kugira ku Rwanda.

Imibare y'Ikigega Mpuzamahanga cy'Imari (IMF) yerekana ko muri raporo yashyizwe hanze, yerekana ko ubukungu bw'Isi buhagaze neza.

IMF mu kwezi kwa Nyakanga yerekanye ko bateganya ko ubukungu buzazamuka bukiyongeraho 0.2% ku mibare bari barateganyije mu kwezi kwa Mata 2025.

Herekanywe uko Politiki zagiye zifatwa n'ibihugu nka Amerika uko zizagenda zibangamira ubukungu hirya no hino ariko ubona ibihugu byabashije kugenda bifata ingamba bigatuma bidahungabanya cyane ubukungu bwabyo.

Ati: "Ku rwego rw'Isi turabona ko imibare yerekana ko ubukungu buzakomeza kuzamuka ku kigero cyiza hanyuma bikanatwereka ko ibiciro bizagenda bimanuka."

Iradukunda, umuyobozi muri Banki Nkuru y'u Rwanda, avuga ko munsi y'ubutayu bwa Sahara, IMF igaragaza ko ubukungu buzakomeza kuba buhagaze neza.

Akomeza agira ati: "Twagaruka hano iwacu tukabona ubukungu bukomeje kuzamuka neza."

**Inyungu fatizo ya 6.75% ivuze iki?**

Joy Iradukunda, Umuyobozi w'Agashami gashinzwe isesengura rya Politiki y'ifaranga muri BNR, asobanura ko iyo akanama gashinzwe Politiki y'ifaranga gafashe icyemezo cyo kuzamura inyungu fatizo, kuyikomeza aho iri cyangwa kuyizamura icyo bishatse kuvuga.

Avuga ko ari uko haba habanje gukorwa isesengura ryo kureba ikigero cy'inyungu fatizo cyatuma umuvuduko w'ibiciro uzaguma mu mbago ngenderwaho ya 2 na 8%.

Hashingirwa ku bukungu bw'Isi uko buhagaze ariko hakagenderwa no kuri Politiki y'ibiri imbere n'uko bizagira ingaruka ku banyarwanda.

Ati: "Ikigaragara nu uko iyo ubukungu buhagaze neza ku rwego mpuzamahanga n'ibiciro bigenda bimanuka, ibi ni kimwe mu bidufasha kuko ibyo dutumiza hanze bitwereka ko bizinjira kandi bikaza ku giciro cyiza ugereranyije n'aho turi uyu munsi.

Igihembwe cya kabiri gishize kigaragaza ko ubukungu bwazamutse ku kigero cyiza cya 7.8%. Hashingiwe kuri serivisi zitangwa, umusaruro w'inganda n'ibindi bigaragaza ko ubukungu buzakomeza kuzamuka."

Akomeza agira ati: "Iteganyamibare ryacu ritwereka ko tuzasoza umwaka dufite umusaruro mwiza. Iyo turebye ibihembwe by'ihinga tubona yuko byagiye bigenda neza.

Iyo twitegereje ku gihembwe cya B na C, aho byerekana ko umusaruro uzaba uhari, iyo twitegereje ibiciro ku masoko, ari iby'imboga, imbuto tugenda tubona ko ibiciro bimeze neza.

Ibyo byose bitwereka ko tuzasoza umwaka ubukungu bwacu hano imbere mu Rwanda bumeze neza kandi buzazamuka ku kigero cyiza bityo bikatwereka ko n'ibiciro byacu bizagenda bimanuka."

Ikigero cy'inyungu fatizo kizafasha kugira ngo inguzanyo zikomeze zitangwe, bashyigikire ibikorwa by'ubukungu kandi nanone ntibiteze ikibazo kugira ngo umuvuduko w'ibiciro bizamukaho, bikomeze kuguma muri ya mbago ngenderwaho.

Ati: "Ubwo tutazamuye, amabanki azakomeza kubona amafaranga ayakuye muri Banki Nkuru y'u Rwanda ku giciro cyiza kuko kitazamutse.

Icyo bivuze, na bo baragenda bakaguriza ababagana na bo bakabaha ku giciro cyiza kitazamutse, tugakomeza gushyigikira ibikorwa by'ubukungu kandi tutavuye mu mbago ngenderwaho y'ibiciro."

Muri Mata uyu mwaka, Ikigega Mpuzamanga cy'Imari, IMF, cyatangaje ko umusaruro mbumbe w'u Rwanda uzazamuka ku gipimo cya 7.1% muri uyu mwaka, mu gihe mu 2026 uzagera kuri 7.5%.

Mu 2024, umusaruro mbumbe wazamutseho 8,9%.

Mu mafaranga, imibare iheruka gutangazwa n'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare, igaragaza ko mu 2024, umusaruro mbumbe w'u Rwanda wari miliyari 18.785 Frw avuye kuri miliyari 16.626 Frw mu 2023.

Serivisi zabigizemo uruhare rungana na 48% mu gihe ubuhinzi bufite uruhare rwa 25%.




Banki Nkuru y'u Rwanda yerekana ko muri rusange muri uyu mwaka izamuka ry'ibiciro rizaba ribarirwa kuri 6.9%

# Abivuza magendu bakajya kwa muganga barembye baraburirwa



Abantu bagirwa inama yo kujya kwa muganga, bakabona gufata imiti bandikiwe

KAMALIZA Agnes

***Abenshi mu bo Imvaho Nshya yaganirije mu bice bitandukanye by'Umujyi wa Kigali, bemeza ko iyo biyumvamo ibimenyetso by'indwara, bajya kugura imiti muri farumasi ijyanye n'ibimenyetso bafite, babona itabavuye cyangwa baremba bakabona kujya kwa muganga.***

Umwe muri batanu ni we wavuze ko arwara rimwe nko mu myaka itatu kandi iyo indwara ije imuzahaza bigatuma ajya kwivuza kwa muganga, agafata imiti muri farumasi yandikiwe na muganga.

Umwizerwa Adeline utuye mu Murenge wa Masaka Akarere ka Kicukiro, avuga ko ajya kwivuza kwa muganga iyo arembye ariko ubusanzwe ngo iyo yumva arwaye byoroheje agura imiti muri farumasi.

Yagize ati: "Ubu se waba wumva urwaye umutwe cyangwa wiyumvamo ibimenyetso bya malariya ukajya kwa muganga? Ugura ibinini by'umutwe cyangwa Coartem byakwanga ukabona kujya kwivuza."

Sindikubwabo Fred, wo mu Murenge wa Remera mu Karere ka Gasabo, na we yemeza ko bidakunze kumubaho ko icyo arwaye cyose yirukira kwa muganga ahubwo yigurira imiti ikaba ari yo imukiza.

Yagize ati: "Iyo numva nginze ibicurane, umutwe, cyangwa inkorora ngura ibinini kuko mba numva atari indwara najyana kwa muganga."

Mu bandi babajijwe, umwe gusa ni we wemeza ko ajya kwivuza kwa muganga mu gihe abandi bavuga ko bafashwa n'imiti barangiwe na bagenzi babo bigeze kugira ibimenyetso by'uburwayi nk'ibyabo, cyangwa ukora muri farumasi akabaha imiti bitewe n'ibyo bimenyetso bafite.

Ku rundi ruhande, ababajijwe bemeza ko kwivuza gutyo bishobora kugira ingaruka zirimo n'urupfu mu gihe bafashe imiti itajyanye n'uburwayi cyangwa bakaba barembywa n'indwara batazi.

Sindikubwabo yakomeje agira ati: "Hari ubwo ushobora gufata imiti ya malariya wenda urwaye nka tifoyide kuko byenda guhuza ibimenyetso ugasanga iranaguhitanye."

Abaganga mu bitaro bitandukanye bavuga ko kugura imiti muri farumasi utandikiwe na muganga ari amakosa ashobora gutera ingaruka zirimo kuremba, kuba umubiri watakaza ubushobozi bwo kuvurwa n'imwe mu miti, gutinda gukira n'izindi.

Dr. Kubwayo Didier ukorera mu Bitaro bya Nyanza, mu Ntara y'Amajyepfo agira abantu inama yo kubanza kwisuzumisha hagafatwa ibizamini, umurwayi akandikirwa imiti na muganga ubifitiye ububasha aho kwivuza magendu.

Ati: "Turashishikariza abantu mbere yuko bajya gusaba imiti muri farumasi babanze bajye kwa muganga basuzumwe. Iyo wihaye imiti ugasanga iyo ufashe idahuye n'uburwayi ufite akenshi biba bizagira izindi ngaruka mu gihe kizaza."

Yongeyeho ko hari indwara zihuza ibimenyetso ariko atari zimwe ahubwo ibyo bimenyetso bishobora guterwa n'ubundi burwayi, bigasaba umuntu wabyize ngo abihuze n'ibizamini byafashwe na laboratwari kugira ngo handikwe umuti uboneye.

Mukantaganda Angelique, Umuforomo ku Bitaro bya Gahini mu Karere ka Kayonza mu Ntara y'Iburasirazuba, avuga ko hari abarwayi babagana bavuga ko banyoye imiti barangiwe na bagenzi babo bikagira ingaruka zirimo no kuba bigorana kubavura.

Yagize ati: "Duhura n'abo babyeyi akaza akakubwira ati umubyeyi duturanye yandangiye umuti runaka ko uvura inkorora, inzoka, akaba yawugura akawukoresha. Ariko ibyo bintu ni bimwe mu biri kuduteza ibibazo, kugeza ku rwego umuntu wakunze gukoresha iyo miti atayandikiwe nyuma twayimuha ntigire icyo imumarira."

Umuyobozi w'Ishyirahamwe ry'Abaganga b'Abana mu Rwanda, Prof. Tuyisenge Lisine, asaba abantu kwirinda kwivuza magendu kuko abakora muri farumasi batanga imiti yanditswe na muganga ariko batavura.

Agira ati: "Umuntu urwaye ajye kwa muganga kuko muganga ni we umenya ati iyi ndwara iravurwa n'uyu muti cyangwa si wo."

Abo baganga basaba abakora muri farumasi kujya batanga imiti yanditswe na muganga gusa.

Dr. Kubwayo ati: "Abakora muri farumasi nabasaba ko aho guha abantu imiti babanza kureba ko bayandikiwe na muganga kuko iyo awumuhaye ntabwo aba azi neza icyo avuye."

Ikigo cy'Igihugu cyita ku Buzima (RBC), gisaba abantu gufata imiti bandikiwe na muganga no kwirinda kwivuza magendu kuko biri mu byabarinda udukoko dufite ubudahangarwa twibasira umubiri tutagishoboye kuvurwa n'imiti.

Umuyobozi w'Ishami rishinzwe Ubuzima muri RBC, Dr. Mukagatare Isabelle, agira ati: "Utwo dukoko ntiturebeshwa amaso, bisaba ko laboratwari iba ifite ubushobozi igapima ikamenya ngo iki kizamini udukoko twasanzwemo twicwa n'uwuhe muti?"

Dr. Mukagatare asaba abantu kwivuza uko bikwiye no gufata imiti neza hakurikijwe uko bayandikiwe na muganga.

RBC igaragaza ko umwaka ushize hari laboratwari 6 mu gihugu zari zifite ubushobozi bwo gupima utwo dukoko ariko ubu hongereweho laboratwari 12 kandi umwaka wa 2025, ushobora kurangira zarabaye 20.





# Perezida Kagame yakiriye ubutumwa bwa mugenzi we wa Gabon



Paul Kagame yakiriye ubutumwa bwa mugenzi we Perezida Brice Oligui Nguema wa Gabon

NYIRANEZA Judith

***Ku gicamunsi cyo ku wa Kane tariki ya 20 Ukwakira 2025, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame yakiriye mu biro bye Minisitiri ushinzwe Amavugurura n'imibanire y'inzego muri Gabon Francois Ndong Obiang, wamushyigikirije ubutumwa bwa mugenzi we Perezida Brice Oligui Nguema wa Gabon.***

U Rwanda na Gabon ni ibihugu bisanzwe bifitanye umubano ushingiye ku kwagura ibikorwa by'ubukungu no kubyaza umusaruro amahirwe y'ubucuruzi n'ishoramari.

Mu kwezi k'Ukwakira 2024, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame yakiriye Perezida w'inzibacyuho wa Gabon akaba n'Umuyobozi w'inzibacyuho wa Komite yashyiriweho kuvugurura inzego Gen. Brice Clotaire Oligui Nguema, bagirana ibiganiro byagarutse ku ngingo zigangisha ku bufatanye bw'ibihugu byombi.

Gabon kandi yaje kwigira no gufatanya n'u Rwanda mu guharanira iterambere ry'ubukungu, yiyemeje kwimakaza ubutwererane mu bya Politiki n'u Rwanda, kuko hari amahirwe menshi cyane y'imikoranire hagati y'ibyo bihugu byombi.

Gabon ni igihugu giherereye ku nkengero z'inyanja ya Atalantika, ikaba ifite ibyo yohereza mu mahanga by'ingenzi ari byo peteroli, amabuye y'agaciro nka manganese na uranium ndetse no gucuruza imbaho zo mu biti bya muvura ari na byo byiharira uruhare runini rw'umusaruro mbumbe w'Igihugu (GDP).

# U Rwanda rwashimye u Busuwisi bwafunguye Ambasade i Kigali



U Busuwisi bwashyize Ambasade yabwo mu Rwanda hagamijwe guteza imbere ubutwererane

KAYITARE Jean Paul

***Minisitiri w'Intebe Dr. Justin Nsengiyumva yakiriye Ignazio Cassis, Umunyamabanga wa Leta y'u Busuwisi Ushinzwe Ububanyi n'Amahanga, anashimira Leta y'u Busuwisi yafashe icyemezo cyo gushyira ambasade yabwo i Kigali.***

Ignazio Cassis, Umunyamabanga wa Leta y'u Busuwisi Ushinzwe Ububanyi n'Amahanga, ari mu Rwanda aho yitabiriye inama ya 46 y'Abaminisitiri ba Francophonie.

U Busuwisi bwashyize Ambasade yabwo mu Rwanda hagamijwe guteza imbere ubutwererane hagati y'ibihugu byombi. Ni igikorwa cyabaye kuri uyu wa 20 Ugushyingo 2025.

Umubano w'ibihugu byombi ushingiye ku nzego zitandukanye zirimo ubuzima, uburezi, ibikorwa remezo, imiyoborere n'umuco.

Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva yashimiye Cassis uri mu Rwanda, uruhare rwe mu nama y'Abaminisitiri ba Francophonie.

Yamushimiye kandi icyemezo cya Guverinoma y'u Busuwisi cyo gushyira ambasade yayo i Kigali, yemeza ko ari intambwe ikomeye mu gushimangira umubano w'ibihugu byombi.

Cassis yemeje ko u Busuwisi buzakomeza gushimangira ubutwererane bushingiye ku bukungu no kurushaho kwagura imikoranire yabwo n'u Rwanda.

U Rwanda na Suisse ni ibihugu bimaze kugirana umubano w'ubutwererane ukomeye kuva mu ntangiriro y'umwaka wa 1960.

# U Rwanda na Costa Rica byasinyanye amasezerano y'ubwikorezi bwo mu kirere



U Rwanda na Costa Rica byasinyanye amasezerano y'ubwikorezi bwo mu kirere

KAMALIZA Agnes

***U Rwanda na Costa Rica byashyize umukono ku masezerano y'ubwikorezi bwo mu kirere, hashingiwe ku masezerano y'imikoranire ibihugu byombi byasinye mu 2023.***

Ku ruhande rw'u Rwanda ayo masezerano yashyizweho umukono na Ambasaderi w'u Rwanda muri Canada na Repubulika ya Dominika, Higiro Prosper mu gihe ku ruhande rwa Costa Rica yasinywe n'Umuyobozi Mukuru w'Ikigo gishinzwe Ubwikorezi bwo mu Kirere muri Costa Rica, Marcos Castillo Masis.

Ayo masezerano akaba afunguye amarembo agamije guhuza no guteza imbere ingendo z'indege hagati y'ibihugu byombi no kwagura amahirwe aboneka mu bukerarugendo, ubucuruzi n'ishoramari hagati y'impande zombi.

Akaba asinywe nyuma y'inama ya ICAN 2025 igamije guteza imbere no koroshya ubwikorezi bwo mu kirere mu buryo burambye.

U Rwanda na Costa Rica bifitanye umubano mu bya dipolomasi watangiye mu 2001, ndetse impande zombi zifite ubushake mu kwagura imikoranire mu bikorwa bitandukanye birimo iby'ubukungu n'ishoramari.

# Umunyamabanga Mukuru wa FPR Inkotanyi yaganiriye n'uhagarariye Angola mu Rwanda

**KAYITARE Jean Paul**

***Umuryango FPR Inkotanyi watangaje ko Umunyamabanga Mukuru wayo, Amb. Wellars Gasamagera, yagiranye ibiganiro na Ambasaderi Alfredo Dombe, uhagarariye igihugu cya Angola mu Rwanda.***




**Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango FPR-Inkotanyi, Amb. Wellars Gasamagera, yagiranye ibiganiro na Ambasaderi Alfredo Dombe, uhagarariye igihugu cya Angola mu Rwanda**

Abayobozi bombi bagiranye ibiganiro mu gitondo cyo ku wa Kane tariki 20 Ugushyingo 2025, ku biro bikuru by'Umuryango FPR Inkotanyi biherereye Rusororo mu Karere ka Gasabo.

Ibiganiro by'abayobozi byibanze ku guteza imbere umubano w'ibihugu byombi ndetse no guteza imbere umubano hagati y'Ishyaka MPLA (The People's Movement for the Liberation of Angola) riri ku butegetsi muri Angola n'Umuryango FPR Inkotanyi.

U Rwanda na Angola ni ibihugu bisanzwe bifitanye umubano mwiza, aho ibihugu byombi bifitanye amasezerano y'ubufatanye mu gukumira ibyaha, gukora iperereza, gukurikirana ndetse no mu gushinja ibyaha mu manza zitandukanye.

Ayo masezerano yemerera kohereza abantu bakatiwe igifungo kirenze imyaka ibiri, bisabwe n'ubuyobozi bwa kimwe mu bihugu byombi. Yasinyiwe i Kigali na Minisitiri w'Ubutabera wa Angola, Francisco Queiroz na mugenzi we w'u Rwanda, Dr Emmanuel Ugirashebuja.

Ibihugu byombi bifitanye amasezerano mu rwego rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro n'imigenderanire, aho byakuriranyeho Visa ku baturage babyo.

# U Rwanda na Banki y'Isi mu bufatanye mu rwego rw'ubuzima

**NYIRANEZA Judith**

***Minisitiri w'Ubuzima, Dr Sabin Nsanzimana yagiranye ibiganiro n'Umuyobozi Nshingwabikorwa muri Banki y'Isi, Dr. Zarau Kibwe, ku bufatanye bw'iyi Banki n'urwego rw'ubuzima mu Rwanda.***




**Minisitiri w'Ubuzima, Dr Sabin Nsanzimana n'Umuyobozi Nshingwabikorwa muri Banki y'Isi, Dr. Zarau Kibwe bagiranye ibiganiro ku kwagura ibikorwa by'ubuzima**

Abayobozi bombi banaganiriye ku bijyanye n'uburyo hakwagurwa ubufatanye mu bijyanye n'inganda zikora imiti, guteza imbere abakozi bo mu rwego rw'ubuzima n'ibindi.

Banki y'Isi yateye urwego rw'ubuzima inkunga ya miliyoni 360 z'Amadolari, ni ukuvuga amafaranga y'u Rwanda asaga miliyari 510.

Muri ayo mafaranga harimo ayo gushyigikira Abajyanama b'ubuzima barenga 26 000 n'abakorera mu mavuriro arenga 220 kugira ngo boroherwe no guha serivisi abaturage miliyoni 5,2 barimo abagore miliyoni 1,3 n'abana 700.000 bari munsi y'imyaka itanu.

Arimo ayo kwifashisha mu kugabanya igwingira mu bana bafite imyaka iri munsi y'itanu bo mu turere 13, kugeza serivisi yo kurwanya indwara zitandura mu mavuriro y'ibanze no kongerera imbaraga urwego rw'ubuvuzi.

Banki y'Isi isanzwe itera inkunga u Rwanda mu nzego zitandukanye,-zirimo y'Uburezi, guhanga imirimo, mu ntangiriro z'ukwezi k'Ukuboza rwahawe iyo nkunga ya miliyari 204 Frw binyuze muri gahunda igamije gukumira ibyago bikomoka ku biza, hubakwa uburyo bukomeye bwo kwitegura no kwitabara mu gihe cy'ibiza, bityo bikarinda ubuzima n'imibereho y'abaturage.




**Umuvugizi wa Polisi y'u Rwanda ACP Boniface Ruutikanga**

# Dufite ikoranabuhanga rimenya utwaye nta byangombwa tutamuhagaritse- ACP Rutikanga

**ZIGAMA Theoneste**

***Umuvugizi wa Polisi y'u Rwanda, ACP Rutikanga Boniface yatangaje ko ubu u Rwanda rufite ikoranabuhanga rigezweho rishobora kubona umushoferi utwaye ikinyabiziga adafite ibyangombwa byuzuye, bidasabye ko umupolisi amuhagarika ngo abimubaze.***

Yabivuze mu gihe hari abashoferi mu bihe bitandukanye binubiraga ko abapolisi babahagarika mu muhanda bakababaza ibyangombwa bitandukanye bibemerera gutwara mu muhanda ariko ntibasobanurirwe impamvu yabyo.

Kenshi abapolisi basaba abo bashoferi uruhushya rwa burundu rwo gutwara, ubwishingizi bw'ikinyabiziga, carte Jaune y'imodoka cyangwa moto n'ibindi.

Abajijwe impamvu hari abapolisi babaza abashoferi ibyo byangombwa nyamara babahagaritse hari ubwo bari kuri gahunda yihuta, basanga babyujuje ntibababasobanurire impamvu abibajije, ACP Rutikanga yabwiye itangazamakuru ko ubu habonetse ikoranabuhanga rikemura uko kwinubira guhagarikwa kwa hato na hato.

Yagize ati: "Dufite ikoranabuhanga rimenya niba ubifite [ibyangombwa] cyangwa utabifite tutarinze kubikubaza.

Tumenya ko imodoka ifite ubwishingizi, yasuzumwe ubuziranenge, ko ifite amadeni, tubibona tutaguhagaritse."

Yavuze ko ku muhanda haba haparitse imodoka nto z'ivatiri za polisi aho zisuzuma niba icyo kinyabiziga cyujuje ibyangombwa, hanyuma ugitwaye yagera imbere abapolisi bakamuhagarika bamwereka ko hari ibyo atujuje kubera ko ya modoka irimo ikoranabuhanga iba yabibamenyesheje.

Hagati aho ariko Umuvugizi wa Polisi y'u Rwanda, ACP Rutikanga yashimangiye ko kuba umupolisi yahagarika umushoferi akamwaka ibyo byangombwa no mu gihe iryo koranabuhanga rihari, na byo abifitiye uburenganzira.

Ati: "Umupolisi afite ubwo burenganzira iyo abikwatse, agomba kugusobanurira impamvu abikwatse, yanabigumana akakubwira impamvu abigumanye n'igihe agomba kubimarana n'uburyo nawe uri buve aho."





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

## Ijambo ry'Ibanze

# *Uwivuza magendu ntaba yikunda*

Uko imyaka ishira indi igataha ni ko ubumenyi bwiyongera ku ndwara zajyaga zica abakurambere bacu ntibamenye icyo bazize, rimwe na rimwe bigakurura inzangano mu miryango bamwe babyita amarozi, imyuka mibi batererejwe n'ibindi.

Muri icyo gihe ubuvuzi bwari butaratera imbere, abantu bivuraga mu buryo bwa gakondo, ndetse aho imiti ya kizungu igereye muri Afurika ikajya icuruzwa nka bombo muri butiki, aho umuntu yarwaraga akajya kugura ikinini cyamamaye ko kivura uburwayi runaka.

Kugira ngo ubwo buvuzi bwa magendu bucogore mu Rwanda, hakozwe ubukangurambaga mu myaka 30 ishize, abantu bagenda babicikaho kubera serivisi z'ubuvuzi zagiye zinozwa.

Nubwo kwivuza magendu bya kera byacitse, kuri ubu hari ubundi buvuzi bufatwa nka bwo kuko abantu bakunda kwigurira imiti mu maguriro yayo (farumasi), bakivura bajyanishije n'ububabare cyangwa ibimenyetso bafite ariko nta muganga wabasuzumye cyangwa ngo ayibandikire.

Birashoboka ko muri iyi Si y'ikoranabuhanga, umuntu ashobora kunguka ubumenyi ku ngingo runaka irimo n'irebana n'ubuzima, ku buryo ashobora no kwisuzuma kandi akaba yanakora ubushakashatsi ku miti yamuvura.

Ikindi kandi, hari n'abantu bajya kwa muganga inshuro nyinshi cyangwa bakaba baziranye na bo, bigatuma barushaho kunguka ubumenyi butuma bumva bashobora kwivura igihe cyose batamerewe neza.

Aha usanga abenshi bazi ko umuntu ufashwe n'umutwe akanywa Paracetamol cyangwa Ibuprofen, wa mutwe woroha ugatanga agahenge. Nyamara impuguke mu buzima bavuga ko ibimenyetso birimo kubabara umutwe bishobora kuba integuza z'ibindi bibazo bikomeye by'ubuzima, ku buryo kuvura ibimenytso biba bidakuyeho ibibazo bitera kuribwa wa mutwe.

Impuguke mu by'ubuzima zihamya ko nyuma y'igihe runaka wa mutwe ushobora kugaruka, ukongera ukanywa imiti wamenyereye kugeza igihe izatakariza ubushobozi bwo kuvura umubiri wawe (drug resistence).

Ni gake umuganga asubirishamo umurwayi imiti yamuhaye mbere iyo avura ikibazo kimwe, ariko bisa nk'aho abantu bivuza imiti bagura muri za farumasi hari iyo baba baramenyereye bakoresha.

Gukoresha umuti utasuzumwe ngo uwandikirwe na muganga ntaho bitaniye n'ubuvuzi bwa magendu bwabagaho mu myaka 100 ishize ubuvuzi butaratera imbere, kandi kunywa imiti gutyo ni ukwiyanga bigereranywa no kwiyahura cyangwa kwiyica gahoro gahoro.

# Qatar ni umufatanyabikorwa w'umwizerwa w'u Rwanda- Makolo



**Umuvugizi wa Guverinoma y'u Rwanda, Yolande Makolo, yashimye Qatar ibonwa nkumufatanyabikorwa w'ingenzi**

**ZIGAMA Theoneste**

***Umuvugizi wa Guverinoma, Yolande Makolo, yashimye Qatar ayita umufatanyabikorwa w'inyangamugayo kandi w'ingenzi ku Rwanda, ashimangira ko umubano w'ibihugu byombi ukomeje kwaguka mu bya politiki no mu bukungu.***

Makolo yabivugiye mu kiganiro yagiranye n'itangazamakuru rya Qatar, agaruka ku ruzinduko rw'iminsi ibiri mu Rwanda rwa Sheikh Tamim bin Hamad Al Thani, Emir wa Qatar, rwabaye kuva ku ya 20 kugera ku 21 Ugushyingo i Kigali.

Yavuze ko uruzinduko rwa Emir wa Qatar ari intambwe ikomeye igaragaza "Umubano wimbitse kandi ukomeye" hagati ya Qatar na Rwanda.

Avuga ko uru ruzinduko rukomeje kubakira ku musingi ukomeye washyizweho n'abayobozi bombi.

Makolo yavuze ko umubano w'ibihugu byombi ushingiye ku kubahana no ku bikorwa byo guteza imbere abaturage.

Yagaragaje ko uburezi ari rumwe mu nzego z'ingenzi z'ubufatanye ibihugu bifitanye.

Ati: "Turashima cyane umushinga wa Zero-Out-Of-School uterwa inkunga na Leta ya Qatar. Dufite abanyeshuri b'Abanyarwanda biga muri Qatar kandi twifuza ko baba benshi kurushaho, kuko biri mu byerekezo byacu byo guteza imbere ubukungu bwacu."

Makolo yavuze ko umubano wa Doha na Kigali uri mu rwego rwo hejuru, yemeza ko impande zombi zifite ubushake bwo kurushaho kuwagura no kuwusigasira.

Yanakomoje ku ruhare rukomeye rwa Qatar rukomeje kwigaragaza nk'umuhuza mu bibazo mpuzamahanga, anavuga uburyo iki gihugu cyafashije mu biganiro byo kugarura amahoro hagati ya Guverinoma ya Congo na AFC/M23 bigamije kurandura imizi y'ikibazo cyo mu Burasirazuba bwa DRC.

Ibi bikaba byunganira ibiganiro bishyigikiwe na Leta Zunze Ubumwe za Amerika bigamije kunga u Rwanda na DRC.

Yagize ati: "Mu bya politiki, Leta ya Qatar ni umufatanyabikorwa wizewe. Mu by'umutekano n'amahoro, dushima uruhare Qatar ikomeje kugaragaza mu buhuza ku bibazo bikomeye ku rwego mpuzamahanga, harimo n'ibibera mu Karere k'Ibiyaga Bigari."

Makolo yavuze ko u Rwanda rufata ishoramari rya Qatar mu gihugu nk'icyitegererezo cy'imikoranire itanga umusaruro, kandi ashimangira ko yizeye ko umubano uzakomera kurushaho kuba mwiza mu myaka iri imbere.

Yavuze ko uruzinduko rwa Emir rwafunguye amahirwe mashya y'ubufatanye bufitiye inyungu impande zombi.

Makolo yerekanye ko ikoranabuhanga, ubuhanga mu guhanga udushya, ingufu n'ubuhinzi ari inzego z'ingenzi zizibandwaho mu bufatanye bw'u Rwanda na Qatar mu myaka iri imbere.

Yavuze ko kugira ngo u Rwanda rurusheho kwagura ubukungu bwarwo, bisaba gukorana na Qatar cyane cyane mu bijyanye n'ingufu, ndetse n'ubuhinzi bukomeza kuba ishingiro ry'iterambere ry'Igihugu.

Yongeyeho ko u Rwanda rufite inyota yo kwagura ubufatanye muri izi nzego kubera akamaro zifitiye ejo hazaza h'u Rwanda, ashimangira icyifuzo cy'igihugu cyo gushyira imbaraga mu mishinga y'ubufatanye iteza imbere n'ubukungu muri rusange.

Ubufatanye bw'ibihugu byombi bukomeje gutera imbere cyane, cyane cyane mu bwikorezi bwo mu kirere, umutekano, ishoramari n'ubukerarugendo.

Muri uyu mwaka, Qatar yemeye umushinga w'itegeko ryemerera abafite pasiporo zisanzwe z'u Rwanda kwinjira muri icyo gihugu batabanje gusaba visa.

# U Rwanda rwanyomoje ibyo gutakaza abashoramari ba USA

ZIGAMA Theoneste

***Urwego rw'Igihugu rushinzwe Iterambere mu Rwanda (RDB) rwashimangiye ko ishoramari rya Leta Zunze Ubumwe za Amerika mu Rwanda rikomeje kwiyongera, runyomoza amakuru aherutse gutangazwa ko abashoramari bo muri icyo gihugu bagabanyutse.***

Mu nkuru yasohotse ku wa Mbere tariki ya 17 Ugushyingo 2025, mu kinyamakuru the East African, Umuyobozi Mukuru wa RDB Jean-Guy Afrika, yagaragaje ko Ishoramari rya Amerika mu Rwanda rigenda rizamuka, ashimangira ko gusobanura nabi imibare bihindura ukuri.

Yakomeje avuga ko hari inkuru iheruka gutangazwa na The EastAfrican yavugaga ko "Abashoramari b'Abanyamerika bari guhunga u Rwanda" avuga ko ayo makuru ari ibinyoma.

Ati: "Hashingiwe ku bivugwa ko ishoramari ryabo ryaguye rikava kuri miliyoni 95 z'amadolari ($) (asaga miliyari137 z'amafaranga y'u Rwanda) rikagera kuri miliyoni 73$ (miliyari 105 Frw) muri 2024. Ariko ibyo byavuzwe bishingiye ku gusobanura nabi imibare.

Iyo urebye amakuru y'ukuri, ubona ko ishoramari ritaziguye rikomeje kuzamuka, uruhare rw'Abanyamerika rukiyongera, n'Urubuga rw'ishoramari bikomeje kuba ibihamye nk'uko byemezwa n'imibare ya Leta y'u Rwanda ndetse na Guverinoma ya Amerika."

Yakomeje avuga ko ikibazo nyamukuru cy'inkuru ya The EastAfrican ari uko yasobanuye nabi imibare yabonye.

Ati: "Umwanditsi yakoresheje imibare ijyanye n'imigabane y'amasoko mpuzamahanga (portfolio securities) imwe mu ngeri z'imari zoroshye guhindagurika hanyuma ayifata nk'aho ihagarariye ishoramari ryose.

Iyo mibare ntigaragaza ishoramari ritaziguye (FDI), inyungu zishyirwamo (reinvested earnings), ibikorwa bikorera mu Rwanda, cyangwa icyizere cy'ishoramari."




Umuyobozi Mukuru wa RDB, Jean Guy Afrika,yashimangiye ko ishoramari na Amerika rikomeje

Nk'uko Banki Nkuru y'u Rwanda ibigaragaza muri Raporo y'Ibarura ry'Imari y'Abikorera b'abanyamahanga (FPC) ya 2024, imigabane ku masoko mpuzamahanga ari igice gito cyane kandi gihindagurika, kikaba kingana na 1.2% by'amafaranga yose yinjijwe n'abanyamahanga mu 2023.

Afrika Jean-Guy ati: "Gushingira kuri ibyo bihindagurika ngo uhindure ishusho y'ishoramari muri rusange ni ukwibeshya gukomeye.

Iyo turebye amafaranga yose y'ishoramari yaturutse hanze (Foreign Private Capital (FPC), harimo ishoramari ritaziguye FDI, portfolio, n'andi mafaranga arimo inguzanyo, ni ho tubona ishusho nyayo y'uko abashoramari bitabira gushora imari mu gihugu."

U Rwanda rwagaragaje izamuka ry'imari ituruka hanze mu myaka itatu ikurikiranye kuva nyuma y'icyorezo cya COVID-19.

Amafaranga y'abashoramari baturutse mu mahanga (FPC) yazamutse ava kuri miliyoni 543.8$ (miliyari 786 Frw) mu 2021 igera kuri miliyoni 663$ (miliyari 960 Frw) mu 2022, hanyuma igera kuri miliyoni 886.9$ (Tiriyali 1 na miliyani 284 Frw) mu 2023, bingana n'izamuka rya 33.8% mu mwaka umwe.

Ishoramari mvamahanga ritaziguye (FDI) ni ryo rigize igice kinini cy'ayo mafaranga aho yavuye kuri miliyoni 399.3$ (Miliyari 587 Frw) mu 2021 igera kuri miliyoni 496.4$ (ni ukuvuga miliyari 718.2 Frw) mu 2022, hanyuma igera kuri miliyoni 716.5$ (asaga tiriliya 1 na miliyari 36 Frw) mu 2023 ari na yo ntera ndende yabayeho mu mateka.

Uretse ibyo, RDB yasobanuye ko ishoramari ryose ryinjiye mu Rwanda ry'Abanyamahanga (inward FDI stock) ryiyongereye kuva kuri miliyari 3.24$ (tiriyari 4.6) mu 2022 rigera kuri miliyari 3.7$ (ni ukuvuga miliyari 5,357.6 Frw), mu 2023, bigaragaza icyizere gihamye cy'abashoramari ku Rwanda.

Afrika Jean-Guy yakomeje agira ati: "Ibivugwa ko ishoramari ry'Abanyamerika rimanuka na byo binyuranyije n'imibare nyir'izina. Mu 2023, Amerika yari mu bihugu byazamuye cyane ishoramari. Amafaranga y'Abanyamerika yinjira mu Rwanda yikubye kabiri ava kuri miliyoni 30.7 z'amadolari mu 2022 agera kuri miliyoni 68.3z'amadolari muri 2023, bingana n'izamuka rya 33,8%.

Ishoramari ry'Abanyamerika mu Rwanda ryiyongereye kuva kuri miliyoni 218.9 z'amadolari (asaga miliyari 317.4 Frw) rigera kuri miliyoni 267.8$ (miliyari 388.3 Frw) uwo mwaka.

Imishinga y'Abanyamerika yagutse mu by'ubukungu bitandukanye irimo ubutaka n'inyubako, ibijyanye n'ubuhinzi, inganda, ikoranabuhanga, n'ibijyanye n'imari.

Afrika yakomeje avuga ko icyegeranyo cya Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga ya Amerika cya 2025 (US Investment Climate Statement) ntaho gihurira n'ibyo The EastAfrican yatangaje.

Ati: "Ahubwo cyemera ko u Rwanda rwateye intambwe mu mategeko agenga ishoramari, mu bukungu buhamye no mu kwinjiza abanyamahanga mu ishoramari.

Icyo cyegeranyo kigaragaza ko umuryango w'abashoramari b'Abanyamerika ukomeje kwaguka, kikavuga ibikwiye kunozwa, ariko ntaho kivuga ko Abanyamerika bahunze isoko ry'u Rwanda."

Umuyobozi Mukuru wa RDB, yashimangiye ko kwandika amakuru ku bukungu bisaba ubushishozi n'imibare isobanutse. Gukoresha nabi imibare bigoreka ukuri kandi bokanangiza ibiganiro by'ingirakamaro kuri rubanda.

Ati: "Niba iyo mibare ya portfolio ihindagurika kubera impamvu mpuzamahanga zitandukanye zirimo izamuka ry'ibiciro ku masoko mpuzamahanga, guhindurwa kw'ishoramari ry'igihe gito, cyangwa izindi mpinduka z'amasoko. Ibyo ntibivuze ko sosiyete z'Abanyamerika zaretse gukorera mu Rwanda cyangwa kuhashora imari.

Kuvanga rero ibyo byiciro bitandukanye by'isoko bigatanga inkuru itari yo byangiza ishusho y'ukuri ku ishoramari mu Rwanda."

Yakomeje avuga ko imibare nyayo ya FDI n'izamuka ry'ishoramari ry'Abanyamerika ari yo itanga ishusho y'ukuri harimo icyizere cy'abashoramari kigenda cyiyongera, Abanyamerika barushaho kubyitabira, kandi u Rwanda rukomeza kugaragaza imbaraga mu Karere.

Ati: "Itangazamakuru rishoboye rigira uruhare rukomeye mu kugaragaza ishusho nyayo y'Ubukungu bwa Afurika. Ibyo bigomba kuba bishingiye ku gusobanura imibare mu buryo bwa nyabwo buboneye."

Yunzemo ati: "U Rwanda rwakira ubushakashatsi, ibiganiro n'ibitekerezo binenga, ariko ibyo biganiro bigomba kuba bishingiye ku gutanga isesengura rihamye, aho gushingira ku mibare yasobanuwe nabi."





# Mu busabe 84 bwo gufungurirwa insengero hemerewe 15- RGB

NYIRANEZA Judith

***Insengero zafunzwe kuko zitari zujuje ibisabwa, zakoze ibishoboka ngo zibyuzuze, 84 zasabye gufungurirwa muri zo 15 ni zo zemerewe.***

Byagarutsweho n'Umuyobozi Mukuru w'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB), Dr Doris Uwicyeza Picard, ubwo yagezaga ku nama Ihuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko, raporo y'ibikorwa bya RGB y'umwaka wa 2024/2025 na gahunda y'ibikorwa by'umwaka wa 2025/2026.

Ku ngingo irebana n'Imiryango ishingiye ku myemerere yagize ati: "Tumaze kubona ubusabe bugera kuri 84 bw'abasabye gufungurirwa kuko bwujuje ibisabwa, hari izasabwe gusubira inyuma zikuzuza neza byose, kuko harimo ibyo bagenda babura, bituzuye, 15 ni zo zemerewe gufungura naho izindi zo dosiye zazo turacyari kuzigaho, tukaba duteganya kubaha ibisubizo vuba."

Yavuze ko atari ukunaniza iyo miryango, ahubwo hari amabwiriza yashyizweho byagizwemo uruhare n'abahagarariye amadini n'amatorero, hakaba hari ibyo bataruzuza.

Ati: "Ayo mabwiriza tujya kuyategura, kuyakusanya no kuyashyira hanze twagiye dukorana n'abakuriye amadini n'amatorero, tugenda twungurana ibitekerezo. Ntabwo ari amabwiriza yo kunaniza, ahubwo ni ayo gufasha imikorere myiza na bo bayagizemo uruhare."

Dr Doris Uwicyeza Picard yavuze kandi ko imiryango ishingiye ku myemerere yagenzuwe bikagaragara ko harimo ibibazo bitandukanye birimo inyigisho z'ubuyobe, amacakubiri, gukorera mu nyubako zitujuje ubuziranenge zateza abaturage akaga.

Yagize ati: "Ayo mabwiriza ni cyo yaje gukemura hakaba hari izafunguwe zujuje ibisabwa zikaba zarafunguwe, hakaba n'izisabwa kubanza kuzuza ibisabwa n'amabwiriza."


Mu Rwanda habaruwe amadini, amatorero, n'imiryango ishingiye ku myemerere 563, harimo amadini 345 atandukanye.

Mu bugenzuzi bwakozwe, byagaragaye ko amadini menshi yakoreraga ahantu hatujuje ibisabwa, ku nsengero 14 093 zagenzuwe, 70.1% zasanzwe zidafite ibyangombwa bikwiye kugira ngo zisengerwemo, byatumye 9 880 zifungwa mu gihe 29.89% zemejwe ko zikora, hakaba hari n'imiryango n'amadini yambuwe uburenganzira bwo gukorera mu Rwanda.



Insengero zafungiwe gukora, iyo zimaze kuzuza ibisabwa zirafungurirwa

# RBC yatanze impuruza ku dukoko tutagishoboye kuvurwa n'imiti



Abantu bagirwa inama yo kwivuza kandi bakanywa neza imiti, hirindwa ko virusi zubaka ubudahangarwa ku miti

KAMALIZA Agnes

***Ikigo cy'Igihugu Cyita ku Buzima, RBC cyagaragaje ko hari udukoko dusigaye tuba mu mubiri dufite ubudahangarwa budakangwa n'imiti, cyangwa ngo iyo miti ibe ifite ubushobozi bwo kutugabanya mu mubiri.***

Ni ibyagarutsweho ku wa 21 Ugushyingo 2025, mu nama nyunguranabitekerezo igamije kwigira hamwe ikibazo cy'utwo dukoko yahurije hamwe Abaganga b'abana n'abandi bakora mu nzego z'ubuzima.

Ubushakashatsi bwa RBC bwo mu 2019, bwagaragaje ko utwo dukoko tutabasha kuvurwa n'imiti mu Rwanda dushobora kuba twarahitanye abantu 9 800 mu gihe ubushakashatsi bwakozwe ku rwego rw'Isi mu 2022, bwagaragaje ko abantu miliyoni 5 bahitanywe natwo.

Umuyobozi w'Ishami Rishinzwe Ubuzima muri RBC, Dr. Isabelle Mukagatare avuga ko kubera kudakoresha imiti neza izwi nka; Antibiyotike, ari byo bituma utwo dukoko tugira ubudahangarwa ku buryo tudashobora kongera kuvurwa n'imiti.

Ati: "Hari imiti isanzwe izwi ko ivura icyo twita enfegisiyo kandi iyo miti iri mu byiciro bitandukanye bitewe n'ikigero indwara izamutseho. Byagaragaye ko kubera kudakoresha neza imiti twita antibiyotiki twa dukoko tugira bwa budahangarwa tukaba nkaho dusuzuguye ya miti y'icyiciro cya mbere n'icya kabiri tugasabwa gukoresha ibyiciro biri hejuru; ibyo byiciro bikaba bihenze kandi no kubibona bigoye."

Akomeza avuga ko kwivuza magendu, kudakoresha neza imiti uko wayihawe na muganga n'uburyo yakubwiye ugomba kuyinywamo biri mu bituma twa dukoko twihinduranya bikaba byatuma turushaho gukura.

Yongeyeho ati: "Iyo bakwandikiye imiti yifate ukurikije uko bakubwiye kandi wubahirize iminsi bakubwiye. Ni ukuvuga ko baba bazi ko mu minsi runaka twa dukoko bakubwiye tuba twapfuye."

Dr. Mukagatare yongeyeho ko nyuma yuko u Rwanda rubonye ko utwo dukoko twibasira umubiri hafashwe ingamba zirimo gukangurira Abanyarwanda gufata imiti uko bikwiye, kunoza isuku, guhugura abakora muri farumasi n'abaganga no kongerera ubushobozi laboratwari kugira ngo bamenye gupima twa dukoko n'amoko yatwo.

Umuyobozi uhagarariye Asosiyasiyo y'Abaganga b'abana mu Rwanda, Prof Lisine Tuyisenge, avuga ko abana ari bamwe mu bahabwa imiti y'antibiyotiki cyane bitewe no kubaha iyo miti nabi bishobora kubaviramo kurembywa nutwo dukoko bikaba byanaganisha ku rupfu.

Agaragaza ko zimwe mu ndwara zibibasira ari iz'ubuhumekero kandi usanga ahanini iyo miti ari yo bandikirwa ariko ikibazo gikomeye hari ubwo usanga ababyeyi bahitamo kuvuza abana muri magendu.

Yagize ati: "Iyo urebye neza uko abana bagenda baremba ntabwo iyo miti iba ikibavura, iyo umuvuye ntakira ahubwo agenda aremba ku buryo bituma adakira bikaba byanamuviramo n'urupfu kuko wa muti utavura."

Yongeyeho ko iyo umuntu arwaye ajya kwa muganga agira inama abihutira kujya muri farumasi kubicikaho kuko batavura ahubwo batanga imiti gusa kandi iyo miti iba yanditswe na muganga ubifitiye ubushobozi.

Prof Tuyisenge yongeyeho ati: "Ntabwo farumasi ivura, itanga umuti, kandi iwutanga igendeye ku cyo muganga yanditse."

Ku rwego Mpuzamahanga haracyakorwa ubushakashatsi bugamije kureba imiti yajya isimbuzwa itagifite ubushobozi bwo kuvura no guhugura abantu hagamijwe kongera ubumenyi bwo gupima no kuvura.

# U Rwanda rwungutse inzobere nshya mu butubuzi bw'imbuto nziza




Abarangije amasomo ku gutubura imbuto bitezweho kuzagira uruhare mu kuzamura umusaruro

ZIGAMA Theoneste

***Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI) ivuga ko yizeye ko ubumenyi bw'abanyeshuri 16 barangije amasomo y'umwaka ajyanye no gutubura imbuto mu Kigo RICA Seed Center buzagira uruhare rukomeye mu gushyigikira intego y'igihugu yo kongera ikoreshwa ry'imbuto z'indobanure zitanga umusaruro mwinshi kandi zihangana n'imihindagurikire y'ibihe.***

Aba banyeshuri bahawe impamyabumenyi ku wa Gatanu tariki ya 21 Ugushyingo 2025, basoje amasomo ya gahunda yitwa Seed Technology and Business program, yibanda ku guhugura urubyiruko rufite ubumenyi mu buhinzi ngo rwongererwe ubushobozi no kurwigisha gutubura imbuto nziza kandi zujuje ubuziranenge.

Iyi gahunda ngarukamwaka ishyirwa mu bikorwa na RICA Seed Center ikigo cyigisha abatubura imbuto bya kinyamwuga giherereye mu Karere ka Bugesera, iterwa inkunga n'umuryango Howard G. Buffett Foundation ku bufatanye na One Acre Fund.

Umunyamabanga Uhoraho muri MINAGRI, Kamana Olivier, yavuze ko aya masomo ari ingenzi cyane cyane muri Isi bahanganye n'ibibazo by'imihindagurikire y'ibihe.

Yagize ati: "Gahunda yo guhinga ku buryo bugezweho yatumye u Rwanda rwihaza mu biribwa. Aba barangije amasomo bazadufasha gukomeza gukora ubushakashatsi, cyane cyane mu guhangana n'imihindagurikire y'ibihe kuko babifitiye ubumenyi buhagije."

Abo banyeshuri bamaze igihe kinini mu bikorwa byo mu mirima, bakorana n'inzobere mu buhinzi mu rwego rwo kwimakaza ubumenyi ngiro. Bakoze imishinga y'ubushakashatsi yibanda ku mbuto zitanga umusaruro mwinshi kandi zifite ubushobozi bwo guhangana n'imihindagurikire y'ibihe.

Nkundineza Albert, umwe mu barangije, yavuze ko yakoze ubushakashatsi ku moko y'imbuto z'ibigori zitanga umusaruro mwinshi.

Ati: "Twize gukora imbuto nshya no gutubura izindi kugira ngo zigere ku bahinzi. Twiga uburyo bwo kubungabunga ubuziranenge bw'imbuto mu masomo arindwi. Umushinga nakoze wibanze ku mbuto zifite intungamubiri zifasha mu kurwanya imirire mibi mu bana."

Umutoni Vanessa, na we wahawe impamyabumenyi, yakoze ubushakashatsi ku gukura amababi yo hasi ku bigori byegereje igihe cyo kwera.

Yagize ati: "Tugira ubushakashatsi ku kintu cyose gishobora gufasha umuhinzi kongera umusaruro. Twasanze gukuraho amababi yo hasi byongera umusaruro ku kigero kigaragara."



Abaturage bishimiye kwegerezwa uburyo bushya bw'ishoramari ry'igihe kirekire mu bwizigame bwabo

Umuyobozi Mukuru wa One Acre Fund, Bwiza Belinda, yavuze ko uyu mushinga ari ingenzi mu gutuma u Rwanda rugira inzobere zishoboye guteza imbere urwego rw'imbuto.

Ati: "Dufasha aba banyeshuri kubona abarimu beza n'ibikoresho bikenewe. Twemera ko ari uburyo bwiza bwo gufasha u Rwanda kugera ku ntera nshya mu iterambere ry'ubuhinzi."

Leta ivuga ko mu myaka yashize yashyize imbaraga mu kongerera ubushobozi abatubuzi b'imbuto kandi imishinga nk'iyi yatanze umusaruro ufatika. Kuri ubu, imbuto hafi ya zose zikoreshwa mu Rwanda zituburirwa mu gihugu, ibintu bifatwa nk'intambwe ikomeye mu kwigenga mu bijyanye n'ibiribwa.

Imibare ya Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI) igaragaza ko kugeza ubu mu Rwanda abakora ubuhinzi nk'akazi kabatunze babarirwa ku kigero kiri hagati ya 65-70%.





# U Rwanda rugiye kubaka laboratwari y'icyitegererezo ya miliyari 34 Frw

NYIRANEZA Judith

***Hashyizwe ibuye ry'ifatizo ahazubakwa laboratwari y'icyitegererezo yo gupima indwara zikomoka ku nyamaswa, izatwara miliyari zisaga 34 z'amafaranga y'u Rwanda, yitezweho kuzafasha mu guhangana n'indwara zagira ingaruka ku buzima bw'abantu.***

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Iterambere ry'Ubuhinzi n'Ubworozi, RAB cyamuritse iyo laboratwari iteganyijwe kuzatwara amadolari ya Amerika miliyozi zisaga 24, ni ukuvuga asaga miliyari 34 Frw.

Dr Cyubahiro Mark Bagabe yagize ati: "Laboratawari twari dufite ahangaha, ni iya kera mu 1983, itari yujuje ibisabwa kugira ngo ive ku rwego rwa kabiri igere ku rwego rwa 3 n'inyubako ubwayo yari nto cyane ku buryo utashobora gushyiramo ibikoresho ngo itange serivisi zo mu bworozi bw'ibikoresho, ku buryo bw'abakozi naho ubwaho."

Yakomeje asobanura ko hari ibipimo ngenderwaho kugira ngo ishyirwe ku rwego rwa gatatu.



Laboratwari izafasha gupima indwara zikomoka ku nyamaswa

Ati: "Kuyishyira ku rwego rwa 3 bisaba ko yemezwa ikagira icyangombwa cy'ubuziranenge ku buryo hari n'indwara ushobora gukorera isuzuma kubera ko ufite abantu babishoboye, ufite ibikoresho n'inyubako ubwayo.

Icyo izaba ifite iyi isanzwe idafite ni inzu igezweho, iyo abantu bakora mu bintu by'indwara haba harimo kureba ko ibyo ubona koko bijyanye n'icyo wari utegereje."

Dr Cyubahiro yavuze ko abakozi bazahabwa n'amahugurwa bakubakirwa ubushobozi.

Yagize ati: "Ikindi ni amahugurwa azahabwa abakozi bazaba bakoramo, iyo laboratwari izaba ishobora kubona ibipimo nyabyo bigaragaza ya laboratwari yujuje ibisabwa. Izaba ari urwego rukorerwa isuzuma harebwa ko ibyo bakora, ibisubizo batanga byizerwa."

Dr Nsanzimana Sabin yavuze ko iyo laboratwari izafasha gukaza ubwirinzi.

Ati: "Iyi ni laboratwari yo ku rwego mpuzamahanga ifite umwihariko wo gupima inyamaswa zibana n'abantu n'iziba mu ishyamba ndetse ikaba yapima n'ibindi bijyanye n'ubuhinzi, ibijyanye n'aho tuba ariko ikanabihuza n'abantu, hari abantu, hari inyaswa naho byombi biba."

Yakomeje asobanura ko ari abantu, inyamaswa bifite aho bihurtiye, aho biba twese bityo bimwe bishobora kwanduza ibindi.

Yagize ati: "Inyaswa zishobora kwanduza abantu indwara nk'ibi byorezo twabonye, inyamaswa nazo zishobora kwanduzwa n'abantu, bakwanduza inyamaswa bahura nazo, by'umwihariko aho turi naho hari ibintu byinshi bishobora gutera uburwayi."

Minisitiri Dr Nsanzimana yavuze ko iyo laboratwari iri mu rwego rwo hejuru, ifite ubushobozi bwo gupima ibyahungabanya ubuzima.

Ati: "Iyo laboratwari izaba ifite umwihariko wo gupima ibyo byose, izaba iri ku rwego rwa 3 rupima ibishobora guhungabanya ubuzima bw'abantu n'inyamaswa ndetse naho abantu batuye. Ntayo twagiraga mu Rwanda kuri urwo rwego, iyari ihari yari ku rwego rwa 2, nto ya kera inafite ubushobozi buto."




Hashyizwe ibuye ry'ifatizo ahazubakwa laboratwari

Iyo laboratwari ni umushinga wagizwemo uruhare n'Ikigega cy'Isi kirwanya ibyorezo, cyashyizweho mu 2022, kigamije kumenya aho ibyorezo bituruka, kubirwanya no kubihashya, izubakwa mu Rubilizi ku cyicaro gikuru cya RAB.

Ni inyubako yuje umutekano, iyi izaba ifite igezweho, aho abantu bakora cyane mu bingtu by'indwara habamo kureba yuko ibimsubizo ubona koko bijyan ye n'icyo wari utegereje. Ibyo biterwa n'inyubako ukoresha, n'ibikoresho ukoresha, iyingiyi rero izaba ibifite. Ikindi ni amahugurwa azahabwa abakozi bakoramo. Igishya izanye ni uko izaba iri ku rwego rwa 3, iri ku gipimo cya laboratwari yujuje ibisabwa.

Ikindi iyi izaba ifgite ubushiobozi izaba ari iurwego rwo gusuzuma kkureba ko ibyo bakorao ibizsubizo bitangwa byizewe. Kubera abakozi bazaba barimo twizeye ko ibisubizo batanga bigahura n'iby'abasa n'abakora isuzuma.

# Bugaragara: Inzu y'ababyeyi yatwaye asaga miliyoni 160 yababereye igisubizo

HITIMANA Servand

***Abagana ikigo nderabuzima cya Bugaragara, mu Murenge wa Rwimiyaga mu Karere ka Nyagatare barishimira ko bubakiwe inzu y'ababyeyi ya miliyoni 160 yatumye ababyeyi bagana iryo vuriro n'ababaherekeje basigaye babona serivisi nziza.***



Inyubako y'ababyeyi yabaruhuye ingendo bakoraga bajya gushaka serivisi kure

Abivuriza kuri iryo vuriro rifite inyubako nshya y'ababyeyi bavuga ko iyi nyubako yaraje kubaruhura ibibazo bikomeye bahuraga nabyo by'umwihariko abazaga bakeneye serivisi zo kubyara.

Ubusanzwe ngo ikigo nderabuzima cya Bugaragara cyagiraga umubare munini w'abakigana, bigatuma rimwe na rimwe aho kubakirira haba hato.

Ku babyeyi baje bari ku nda ngo hari abashoboraga kuryama hasi ndetse ngo ababaherekezaga bakirarira hanze iyo umubare w'abakiriwe wabaga nunini.

Mukamurigo Anastasie agira ati: "Njye nabyariye hano kabiri. Hari igihe ababyeyi bose ba za Gakagati, Kirebe, Karushuga n'ibice byegereye Bugaragara bose twageraga aha, ugasanga hari nk'ababyeyi 15. Byatumaga igitanda gishyirwaho urembye cyane abandi bakaryama hasi mukajya mukurikirana uko igitanda kibonetse. Urumva ko twahagorerwaga."

Akomeza agira ati: "Uyu munsi ariko ni ibisubizo gusa. Ntabwo igihe twaturiye inaha tuhita ku ishyamba twakekaga ko twakubakirwa ibitaro nk'ibi. Twishimiye inyubako nziza y'ababyeyi yashyizwemo n'ibitanda byiza aho binejeje kuhabyarira. Njye ubu naherekeje umwana wanjye waje kubyara, ariko na we nabimubwiye ko abyariye mu mahirwe twe tutagize."

Kansime Norah ati: "Kuri ubu navuga ko ari ibisubizo gusa. Turabyarira ahantu heza ku buryo twitabwaho, ibikoresho bihari, muri rusange turashima ubuyobozi bukomeje gutuma imibereho yacu iba myiza.

Inyubako nk'iyi ngo izanatuma abagiraga akangononwa ko kuza kubyarira kwa muganga batagira urwitwazo bityo buri mubyeyi abyarire kwa muganga.

Tuyishime Donatha yagize ati: "Ni ukuri njyewe sinabona uko mvuga ibitangaza turi kubona mu majyambere y'iki gihugu. Abaturage barigishijwe bakangurirwa gucika ku ngeso zo kubyarira mu ngo kuko bishyira ubuzima bwabo mu kaga. Hari uwacibwaga intege no kuba yaza akabangamirwa n'umubyigano cyangwa kuryama hasi n'ibindi. Ubu rero iyi nyubako itubereye igisubizo."

Uyu mubyeyi yongeraho ko ubu nta muntu ushobora kwiganyira kuza kubyarira kuri iri vuriro kuko umunsi ku munsi haboneka ibisubizo ku kunoza serivisi.

Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu Matsiko Gonzague, agaruka ku byakozwe mu rwego rw'ubuzima yavuze ko harimo no kongera ibikorwa remezo bifasha mu gutanga serivisi z'ubuzima zinoze.

Ati: "Inyubako yaje ikenewe cyane aho yabaye igisubizo ku baturage. Ni ibikorwa biba byatwaye ingengo y'imari itari nto kuko gushora imari mu kubaka ubuzima bw'abanyagihugu n'imibereho yabo myiza ni byo bibashoboza gukora, inyungu za rya shoramari zikagaruka mu guteza imbere igihugu.

Abaturage barasabwa rero kubyaza umusaruro ibikorwa remezo nk'ibi bakubahiriza gahunda zo kubyarira kwa muganga, kwisuzumisha inda inshuro ziteganyijwe kugira ngo barebe uko ubuzima bwabo buhagaze, kuko ubu nta rwitwazo rwo kubura aho bakirirwa."

Iyo nyubako ifite ubushobozi bwo kwakira ababyeyi 28 baramutse baziye rimwe, yashyizwemo ibikoresho bijyanye na serivisi zizayitangirwamo byatwaye miliyoni 36.

---


# Nyabihu: Babangamiwe n'insinga z'amashanyarazi zandagaye mu mirima

NGABOYABAHIZI Protais

***Bamwe mu baturage bo mu Murenge wa Karago mu Karere ka Nyabihu bavuga ko bamaze amezi agera kuri atatu babangamiwe n'insinga z'amashanyarazi zandagaye mu mirima no mu tuyira banyuramo buri munsi.***

Abo baturage bavuga ko iki kibazo bakigejeje ku kigo gishinzwe ingufu, REG ishami rya Nyabihu, ariko ngo kugeza ubu bifuza ko batabarwa izi nsinga zikazamurwa ku mapoto, kugira ngo bakomeze kugira umutekano.

Mukandayisenga Florida, ni umwe mu batuye mu Murenge wa Karago, avuga ko abana be batagitinyuka kunyura mu tuyira twegeranye n'aho izo nsinga ziri, kuko baba bafite ubwoba bw'uko bashobora gufatwa n'umuriro igihe cyose.



Abaturage batewe impungenge n'insinga zandaraye mu mirima yabo

Yagize ati: "Izi nsinga zimaze amezi agera kuri 3 ziri hasi aha. Iyo turi mu mirimo y'ubuhinzi, duhora dufite ubwoba ko hashobora kubaho impanuka. Twasabye REG ngo izizamure ku mapoto ariko kugeza n'ubu turategereje."

Undi muturage, Habumugisha Jean de Dieu, avuga ko iki kibazo cyatumye ahomba imyaka ye yangiritse igihe insinga zagwaga mu murima we.

Yagize ati: "Mu mezi ashize hari ubwo byaguye mu murima w'ibirayi byanjye birangirika. Twagiye tubibwira abakozi ba REG, batubwira ko bazaza kubikosora ariko byarangiriye aho. Dukeneye ko batabara vuba kuko bishobora no kutugiraho ingaruka kurushaho."

Umukozi wa REG ishami rya Nyabihu, Mutsindashyaka Martin, avuga ko iki kibazo ubwo bakimenye bagiye kugikurikirana byihuse kugira ngo gikemuke vuba.

Yagize ati: "Ikibazo ubwo tukimenye, tugiye koherezayo abatekinisiye bacu kugira ngo barebe icyateye izo nsinga kumanuka no kugira ngo zimanikwe neza ku mapoto.

Turasaba abaturage kwirinda gukora kuri izo nsinga igihe babonye zaguye hasi kugira ngo birinde impanuka zituruka ku muriro w'amashanyarazi."

Abaturage bo muri aka gace cyane abo mu kibaya cya Karago basaba ko iki gikorwa cyakwihutishwa vuba na bwangu, kugira ngo barindwe ingaruka zishobora guterwa n'izo nsinga z'amashanyarazi zidakosowe ku gihe.





# Urubyiruko rusabwa guhangana n'abasebya u Rwanda ku mbuga nkoranyambaga

NGABOYABAHIZI PROTAIS

***Abanyeshuri 131 basoje amashuri yisumbuye bari mu Kigo cy'Ubutore cya Nkumba, mu cyiciro cya kabiri cy'itorero 'Imbuto Zitoshye' basabwe guhangana n'abasebya u Rwanda ku mbuga nkoranyambaga.***

Byagarutsweho n'Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, Eric Mahoro, mu gutangiza icyiciro cya kabiri cy'iryo torero, asaba urubyiruko kwitwara nk'intore z'ukuri ziharanira kumenya amahame y'ubunyarwanda no guhangana n'abakoresha imbuga nkoranyambaga mu gusebya Igihugu.

Yavuze ko n'ubwo abo banyeshuri bize amasomo anyuranye, hari icy'ingenzi cy'inyongera ari cyo indangagaciro n'ubupfura, by'umwihariko mu bihe ikoranabuhanga rikoreshwa nabi n'abashaka kwangisha amahanga u Rwanda.

Yagize ati: "Ushobora kuba warize amashuri menshi ariko udafite indangagaciro ntacyo wageraho. Twifuza urubyiruko rukura rufite umutima ukunda Igihugu, uruharanira kurinda u Rwanda no kuruteza imbere."

Umunyamabanga wa Imbuto Foundation, Christer Umuhoza, yashimiye abitabiriye iki cyiciro cya kabiri kigizwe n'urubyiruko rw'abanyeshuri barangije ayisumbuye bagiye kwinjira muri kaminuza. Yavuze ko abagera ku 1 000 bamaze gufashwa na Imbuto Foundation mu bihe bitandukanye, naho 131 akaba ari bo bari mu itorero

Umuhoza yanagejeje ku rubyiruko ubutumwa bwa Madamu Jeannette Kagame, bwibutsa abo banyeshuri ko ubumenyi bw'amashuri bugomba kuzuzwa n'amasomo y'uburere mboneragihugu, amateka y'u Rwanda, indangagaciro za kirazira n'uburyo bwiza bwo gukoresha imbuga nkoranyambaga.

Yagize ati: "Urubyiruko rukeneye kumenya igihugu cyarwo, kukirinda no kugihesha agaciro. Tuzakomeza kubaba hafi kuko u Rwanda rubakunda kandi rubatezeho byinshi."

Mukamisha Ester wo mu Karere ka Nyagatare, umwe mu rubyiruko rwitabiriye aya masomo; yavuze ko yiteze kungukira byinshi muri iri torero by'umwihariko ubumenyi ku mateka y'u Rwanda.

Yagize ati: "Nditeguye guhangana n'abasebya u Rwanda. Abakoresha imbuga nkoranyambaga barirengagiza ibyo igihugu cyagezeho, ariko twe tuzabereka ukuri dushingiye ku ndangagaciro zacu."

Ngamije Valentin wo mu Karere ka Ruhango na we yagize ati: "Abenshi mu basebya u Rwanda bibasira Umukuru w'Igihugu Nyakubahwa Paul Kagame bagamije gusenya igihugu cyacu. Muri aya masomo tuzigishwa uburyo bwo kubanyomoza mu kinyabupfura, tugashyira imbere ibyiza u Rwanda rumaze kugeraho."

Yongeraho ko amasomo y'Itorero ari inyongera ikomeye mu kumenya indangagaciro zirimo gukunda Igihugu, ubupfura no kwitanga.

Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru Mugabowagahunde Maurice, yasabye urubyiruko kugira uruhare mu kurinda isura y'igihugu, arusaba gufata amasomo neza, bakazayasakaza no kuri bagenzi babo mu miryango baturukamo.

Yagize ati: "Uvuga nabi u Rwanda aba arwanze n'Abanyarwanda. Turasaba urubyiruko guhangana n'ababikora ku mbuga nkoranyambaga, rukoresheje ukuri n'ibimenyetso bifatika. Kandi ikoranabuhanga mudakwiye kurikoresha mu gusubiza ibitekerezo bibi gusa, no kuribyaza umusaruro mu kwihangira imirimo no kwiteza imbere."

Yasabye kandi urubyiruko gutanga umusanzu mu muhigo wo gutera ibiti miliyoni ebyiri mu Karere ka Burera, buri ntore ikaba yasabwa gutera nibura ibiti bibiri, gukangurira bagenzi babo gukunda ishuri no guhangana n'imirire mibi n'igwingira.

Itorero Imbuto Zitoshye rikomeje kuba ihuriro ry'amasomo ategurirwa urubyiruko kugira ngo rukure rufite ubumenyi bwisumbuyeho ku gihugu cyarwo cy'u Rwanda, rugire uruhare mu kururinda no kuruteza imbere mu gihe ikoranabuhanga rikomeje kuba intwaro ikoreshwa n'abashaka kurusebya.

Abitabiriye aya masomo bose uko 131, bazamara icyumweru mu Kigo cy'Ubutore cya Nkumba biga amateka yaranze u Rwanda, kirazira z'umunyarwanda n'ibindi.



Imbuto zitoshye icyiciro cya kabiri bishimiye amasomo yo mu itorero



Bamaze amezi 9 nta mazi bafite none basubiye kuvoma mu kiyaga cya Kivu

# Nyamasheke: Bamaze amezi 9 nta mazi meza bayobotse i Kivu n'umugezi wa Karundura

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Abaturage b'Umudugudu wa Kabuyaga, Akagari ka Kibogora, Umurenge wa Kanjongo, Akarere ka Nyamasheke baratabaza ubuyobozi bw'aka karere nyuma y'amezi 9 robine bavomagaho zarumye barashotse amazi mabi y'umugezi wa Karundura n'ikiyaga cya Kivu, ari yo banywa bakanakoresha imirimo yose y'isuku.***

Bavuga ko abana babo bato batangiye kubyimba utuda kubera inzoka zo mu nda baterwa n'aya mazi arimo imyanda banywa batayatetse kubera kubura ibicanwa bayatekesha, batanafite imiti iyasukura ngo bayashyiremo.

Mukabisengimana Elina Imvaho Nshya yasanze ku mugezi wa Karundura arimo avoma amazi yawo yavugaga ko bayanywa, bakayatekesha, bakayameshesha imyenda bakanayogesha amasahani, n'indi mirimo y'isuku, kuko babuze uko bagira, n'ubuyobozi butababwira ikibazo cyabaye ngo amazi meza bagiraga agende.

Ati: "Tuvoma aya mazi mabi cyane tukayakoresha imirimo yose kuko nta kindi twakora. Tuzi ko ubundi umuceri utetse uba wera ariko utekeshejwe aya mazi uhinduka umuhondo. Utekeshejwe ay'ikiyaga cya Kivu kubera urwunyunyu rubamo ugahinduka icyatsi. Ntiwayameshesha imyenda y'igitare na yo yahinduka umuhondo."

Avuga ko mbere y'aya mezi 9 amazi bari bayafite, haba ku mavomero rusange, hanaba mu ngo ku bayahagejeje, bakabyuka basanga yagiye, ntiyongeye kugaruka.

Ati: "icyo gihe ku ivomero rusange ijerikani yaguraga amafaranga 8 gusa ariko ubu kutugeraho avuye mu Tyazo ijerikani igura amafaranga 200 cyangwa 300."

Bagaragaza impungenge z'abana babo bagwa muri uyu mugezi bakurikiye bakuru babo baba bagiyeyo kuvoma, hamaze kugwamo abana 2 bagapfa bakurikiye abakuru.

Umuyobozi w'Akarere ka Nyamasheke wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Mukankusi Athanasie yemera ko iki kibazo gihari, cyatewe n'imiyoboro yazibye, kiri gukurikiranwa.

Ati: "Ni byo nta mazi meza baheruka. Habayeho ibibazo by'imiyoboro, dukorana na WASAC n'izindi nzego bari kubikoraho, hashakwa uburyo byakosoka. "

Yongeyeho ko atatanga ukwezi bizaba byakemukiyemo.

NGABOYABAHIZI Protais

# Musanze: Gutera imigano ku nkengero za Mukungwa byabarinze imyuzure yabangirizaga

***Abaturage bo mu Mirenge ya Rwaza na Muhoza mu Karere ka Musanze baratangaza ko gahunda yo gutera imigano ku nkengero z'umugezi wa Mukungwa yahinduye byinshi mu mibereho yabo, nyuma y'uko wari ukunze kubangiriza imyaka n'ibishanga kubera imvura n'isuri byatezaga imyuzure mu myaka yabo.***

Abo baturage babwiye Imvaho Nshya ko nyuma yo gusobanukirwa ko bakwiye kwishakira ibisubizo bakumira ayo mazi byatumye ibihombo yabatezaga bihagarara.

Mukamana Devota, umuhinzi wo mu Murenge wa Rwaza, avuga ko mbere yo gutera imigano, imirima yabo yahoraga mu kaga.

Yagize ati: "Imvura iyo yagwaga cyane, Mukungwa yaruzuraga igasatura inkombe zigatwarana n'imirima yacu.

Narababaye kuko imyaka yanjye ibishyimbo n'ibirayi yagendaga yangirika buri mwaka. Ariko kuva aho dushyiriyeho umugano, isuri yaragabanyutse, imyaka ikura neza kandi tubona umwuka mwiza uva mu mugano."



Abahinga mu nkengero za Mukungwa imyaka imeze neza kubera umugano

Nzitonda Jean Pierre wo mu Murenge wa Muhoza, na we avuga ko ubu bafite ubwishingizi karemano bw'imigano ibafasha gutuza.

Yagize ati: "Twigeze kubona imivu y'amazi isatira ibishanga byacu ku buryo twatekerezaga ko nta gihingwa kizongera kuhamera. Ubu umugano uturinda guterwa n'amazi kandi ufata ubutaka.

Twatangiye kubona umusaruro mwiza kurusha mbere, ndetse hari n'aho twongeye gutera imboga n'imbuto twari twararetse."

Umuyobozi w'Akarere ka Musanze, Nsengimana Claudien, ashima uruhare rw'abaturage mu kubungabunga umugezi wa Mukungwa, anavuga ko gahunda yo gutera imigano ifite inyungu nyinshi ku bidukikije no ku bahinzi.

Yagize ati: "Umugezi wa Mukungwa wari umaze igihe rwangiriza abaturiye inkombe zawo, ukangiza ibishanga n'ubutaka bw'abaturage.

Ubu twamaze gutera imigano ku birometero birenga 12 ku nkengero zawo, kandi tumaze kubona impinduka zifatika.

Imigano ifata ubutaka, igabanya isuri, ikongera ubwinshi bw'amazi mu butaka kandi igaha abaturage umwuka mwiza."

Nsengimana akomeza avuga ko umusaruro w'abahinzi wiyongereye kuko ubutaka butakimeze nk'ubwo amazi yatwaraga buri mwaka.

Ati: "Tubasaba gukomeza kurinda, gutera no kwagura imigano ku nkengero z'umugezi. Ni umutekano wabo, ni ejo heza h'ubuhinzi bwabo, ni ugukomeza kubungabunga ibidukikije. Turi kumwe n'abaturage muri iyi gahunda, kandi tuzayikomeza."

Abaturage bishimira ko imigano kandi yatumye amazi ya Mukungwa akomeza gusa neza aho na ba mukerarugendo baza kuhatemberera kubera amahumbezi aterwa n'imigano ikikije uyu mugezi.

# Nyagatare: Abamugariye ku rugamba bizeye koroherezwa ingendo na kaburimbo begerejwe



Umuhanda wa kaburimbo uzorohereza ingendo abakoresha inyunganirangingo

HITIMANA Servand

***Bamwe mu bamugariye ku rugamba rwo kubohora Igihugu batujwe mu Mudugudu wa Murama, bavuga ko bazungukira byinshi ku ikorwa ry'umuhanda ya kaburimbo iri kuhubakwa, uzaborohereza mu ngendo bakoreshamo inyunganirangingo zangirikiraga mu muhanda mubi wari uhasanzwe.***

Abaturage barabigarukaho mu gihe mu Murenge wa Nyagatare, mu Karere ka Nyagatare hari gukorwa uwo muhanda wa kaburimbo ica mu Mudugudu wabo irimbanyije.

Bavuga ko bishimira iterambere bari kugezwaho kuko bituma hari inzitizi bari bafite bagenda bavamo.

Mu byo bagarukaho ni uburyo bwo gukora ingendo bava mu ngo zabo bagana mu bice bitandukanye cyane mu mujyi wa Nyagatare kuko ariho bakenera serivisi kenshi.

Habimana Twaibu agira ati: "Urumva mu bibazo twagiraga harimo n'umuhanda mubi urimo ibinogo n'imikuku. Niba umuntu agendera mu igare ry'abamugaye byamugoraga cyane agatinda mu nzira Yemwe n'igare rikangirika vuba. Hari uba afite akaguru kamwe ariko agendera kuri velo moteri. Nawe iyo umuhanda ari mubi umutura hasi kuko nta kwiramira aba afite."

Akomeza agira ati: "Kuba rero turi gukorerwa uyu muhanda ubu ni ishimwe kuri twe. Tubonye inzira zitworohereza mu ngendo, kuko batubwira ko umuhanda uzanacanirwa kuko gutaha bizaba byoroshye. Umuntu yashoboraga gukenera kujya kuri Banki ariko imvura yaba yaguye ntugeyo kuko utakwivanayo bityo gahunda zawe zigapfa. Uyu muhanda rero uratubera igisubizo."

Uretse koroshya ingendo, uyu muhanda ngo uzatuma banongera ibyo binjiza.

Kanobana Julien ati: "Uyu muhanda utumye umudugudu wacu usirimuka, aho abantu batangiye kuza kuwukoreramo cyane. Inzu zacu zazamuye agaciro.Uretse kuyakodesha kandi, natwe tuzagira udushinga twakora bitewe n'ubumuga umuntu afite. Turashima ko ubuyobozi buyobozi butuzirikana bukatugezaho iterambere nkiri"

Ubuyobozi bw'Akarere ka Nyagatare buvuga ko uyu mudugudu wari warasezeranyijwe uyu muhanda mu igenamigambi ry'umwaka ushize kuko wifuzwaga n'abaturage cyane kandi impungenge zabo zumvikana.

Hategekimana Fred umunyamabanga nshingwabikorwa bw'Akarere ka Nyagatare yagize ati: "Ni byo uyu mudugudu watujwemo abamugariye ku rugamba uri mu nkengero z'umujyi wa Nyagatare bifuje ko bubakirwa kaburimbo ibahuza n'umujyi, kandi dusanga bikenewe."

Yakomeje avuga ko igisigaye ari uko abaturage bitegura kuwubyaza umusaruro, ukazabafasha kunoza imibereho yabo ikarushasho kuba myiza, bakaniteza imbere muri rusange.





## ITANGAZO RY'AKAZI

<u>**AVIS A MANIFESTATION D'INTERET**</u>

**(Recrutement d'un Consultant individuel chargé de l'Elaboration d'une Stratégie de Développement des Energies Renouvelables dans la CEPGL)**

**E.G.L.**

**Organisation de la CEPGL pour l'Energie des Pays des Grands Lacs**

**Burundi. RD Congo. Rwanda**

**MULTINATIONAL**
**PROJET DE CONSTRUCTION DE LA CENTRALE HYDROELECTRIQUE REGIONALE RUZIZI III.**

**SERVICES D'UN CONSULTANT INDIVIDUEL CHARGE DE L'ELABORATION D'UNE STRATEGIE DE DEVELOPPEMENT DES ENERGIES RENOUVELABLES DANS LA CEPGL.**

**Secteur :** Energie

**Références des accords de financement : Don de la BAD N°210 015 503 171 8 accordé à la République du Burundi.**
**N° d'Identification du Projet : P-Z1-FA0-105**

1. L'Organisation de la CEPGL pour l'Energie des Pays des Grands Lacs (EGL), une Institution spécialisée de la Communauté Economique des Pays des Grands Lacs (CEPGL), a reçu du Fonds africain de développement un Don de **81 000 000 UC** et un Prêt de **17 500 000 UC** soit un montant total de **98 500 000 UC**, en vue du financement du **Projet Multinational de Construction de la Centrale Hydroélectrique Régionale de Ruzizi III (Projet Ruzizi III).**

2. Le Projet RUZIZI III vise les principaux objectifs ci-après :
   Exploiter davantage le potentiel énergétique de la rivière Ruzizi pour une meilleure sécurité des approvisionnements et accroître l'accès à l'électricité à moindre coût dans les trois pays de la CEPGL (Burundi, RD Congo, Rwanda);
   Faire face au déficit important en électricité qui freine le développement socio-économique dans les trois pays de la CEPGL ;
   Renforcer la coopération énergétique et l'intégration régionale dans les trois pays.

Par conséquent, le Projet Multinational de Construction de la Centrale Hydroélectrique Régionale de Ruzizi III se décline en trois composantes complémentaires à savoir, (1) **Composante 1 :** l'appui à la réalisation de Ruzizi III, (2) **Composante 2:** l'appui à la coopération et à l'intégration régionale en matière d'énergie ; et, (3) **Composante 3 :** l'appui à la gestion du projet.

3. Les services prévus au titre de ce contrat de prestations d'un **Consultant individuel chargé de l'Elaboration d'une Stratégie de Développement des Energies Renouvelables dans la CEPGL pour une durée d'environ trois (3) mois, à compter de la date de démarrage**, incluant les périodes de validation des Rapports, d'un Consultant Individuel visé comprenant :
   (i) **Réaliser un état des lieux exhaustif** du secteur des énergies renouvelables dans les pays membres de la CEPGL, en identifiant les ressources disponibles, les capacités installées, les niveaux d'exploitation actuels, ainsi que les contraintes techniques, institutionnelles et financières ;
   (ii) **Évaluer les impacts environnementaux et socioéconomiques** associés à différents types d'énergies renouvelables ;
   (iii) **Proposer un cadre réglementaire harmonisé** entre les pays membres de CEPGL pour faciliter l'investissement public et privé;
   (iv) **Élaborer une stratégie régionale de développement des énergies renouvelables** sur la période 2026–2040, avec des priorités claires, des objectifs quantifiés et un calendrier de mise en œuvre ;
   (v) **Définir un plan d'action stratégique** détaillé pour la mise en œuvre des projets régionaux EnR sur la période 2026–2040, en intégrant les rôles des acteurs publics, privés et institutionnels ;
   (vi) Proposer des mécanismes de financement (publics, privés, partenariats) ;
   (vii) Prévoir un dispositif de suivi-évaluation.

   Les termes de référence de la mission du consultant sont disponibles sur le site Web de l'EGL à l'adresse : **https://www.egl-cepgl.org**

4. Ainsi, l'Organisation de la CEPGL pour l'Energie des Pays des Grands Lacs (EGL) invite les consultants individuels qualifiés à manifester leur intérêt en vue de fournir les services décrits cidessus. Les consultants intéressés doivent produire les informations sur leur qualification, leur capacité et leur expérience les plus pertinentes pour la mission, démontrant qu'ils sont qualifiés pour les prestations (documentation, référence de prestations similaires, expérience dans des missions comparables, Diverses Attestations de Services Faits, confirmation de leur disponibilité, etc.) ;
5. Les critères d'éligibilité, l'établissement de la liste restreinte et la procédure de la Sélection des Consultants Individuels seront conformes au « Cadre de la Politique de passation des marchés pour les opérations financées par le Groupe de la Banque Africaine de Développent, édition octobre 2015 », qui sont disponibles sur le site web de la Banque à l'adresse : http://www.afdb.org;
6. Les Consultants intéressés peuvent obtenir des informations supplémentaires au sujet des documents de référence à l'adresse indiquée ci-dessous et aux heures suivantes : du lundi au jeudi de 7 h 30 à 12 h 00 et de 14 h 00 à 17 h 30 et le vendredi de 7 h 30 à 12 h 00 (heure de Bujumbura).

7. Les manifestations et/ou expressions d'intérêt doivent porter expressément la mention :**« Manifestation d'intérêt pour le recrutement d'un Consultant individuel chargé de l'Elaboration d'une Stratégie de Développement des Energies Renouvelables dans la CEPGL » et, peuvent être :**

(i) **Déposées à l'adresse mentionnée ci-dessous, en deux (02) exemplaires physiques en Français (un original et une (1) copie format papier et 1 Clé USB contenant une version modifiable en Word);**
(ii) **ou envoyées électroniquement par e-mail à l'adresse indiquée ci-dessous, au plus tard le 28/11/2025**:

**Organisation de la CEPGL pour l'Energie des Pays des Grands Lacs « EGL »**
**À l'attention :Monsieur Charles VUMBI MBENGA, Directeur Général, 49, Boulevard de l'UPRONA, Rohero II, B.P 1912 Bujumbura– Burundi;E-mail:recrutement.cistrategieenergren@eglcepgl.com avec copie à l'adresse e-mail:**
**egl.dg.sec@gmail.com; charles_mbegas@hotmail.fr**

**LE DIRECTEUR GENERAL,**

**Charles VUMBI MBENGA**

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

ITANGAZO RYA CYAMUNARA

KUGIRANGO HASHYIRWE MU BIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU **REF.NO.:** O25-228383 CYO KUWA **25/10/2025** CYO KUGURISHA INGWATE MURI CYAMUNARA HISHYURWA UMWENDA WA BANK, USHINZWE KUGURISHA INGWATE ME MBANJENEZA ISAAC ARAMENYESHA ABANTU KO AZATEZA MU CYAMUNARA AGURISHWA UMUTUNGO UTIMUKANWA UGIZWE N'INZU UFITE UPI:3/06/10/03/2684 , HAFITE UBUSO BUNGANA NA **255 QM** N'AGACIRO KANGANA NA MILIYONI EBYIRI N'IBIHUMBI MAGANA ANE NA MIRONGO INE NA BITANDATU NA MAFARANGA MAGANA ATANU (2,446,500 **FRWS),** BUHEREREYE MU MUDUGUDU WA MURABYO, AKAGALI KA SHARA, UMURENGE WA MUGANZA**,** AKARERE KA RUSIZI

INGENGABIHE YO GUPIGANWA UKO ITEYE:

| GUPIGANWA | ITARIKI | UKWEZI | UMWAKA | ISAHA |
|---|---|---|---|---|
| INSHURO YA 1 | 01-08 | 12 | 2025 | SAA TANU (11H00) |
| INSHURO YA 2 | 10-17 | 12 | 2025 | SAA TANU (11H00) |
| INSHURO YA 3 | 19-26 | 12 | 2025 | SAA TANU (11H00) |

ABIFUZA GUPIGANWA BOSE BAGOMBA KWIYANDIKISHA KU RUBUGA IECMS.GOV.RW UZEGUKANA INGWATE MURI CYAMUNARA AZISHYURA BINYUZE KURI KONTI **N0 461326440811**IRI MURI **BANK POPULAIRE DU RWANDA** KU MAZINA Y'USHINZWE KUGURISHA INGWATE ARIWE **MBANJENEZA ISAAC**.

GUSURA INGWATE BIKORWA BURI MUNSI MU MINSI Y'AKAZI. ABIFUZA IBINDI BISOBANURO BAHAMAGARA KURI TELEPHONE NGENDANWA ARIYO **0788249561**

.IFOTO N'IGENAGACIRO BYAWO BIBONEKA HAKORESHEJWE UBURYO BW'IKORANABUHANGA RYO KURANGIZA INYANDIKOMPESHA.

BIKOREWE I KIGALI NONE KUWA 18/11/2025

USHINZWE KUGURISHA INGWATE

Me MBANJENEZA Isaac

Appointed RECEIVER
TEL: 0788 249 561
MBANJENEZA ISAAC

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

ITANGAZO RYA CYAMUNARA

KUGIRANGO HASHYIRWE MU BIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU **REF.NO.** O25-228385 CYO KUWA **25/10/2025** CYO KUGURISHA INGWATE MURI CYAMUNARA HISHYURWA UMWENDA WA BANK, USHINZWE KUGURISHA INGWATE ME MBANJENEZA ISAAC ARAMENYESHA ABANTU KO AZATEZA MU CYAMUNARA AGURISHWA UMUTUNGO UTIMUKANWA UGIZWE N'INZU N'UBUTAKA BUFITE UPI:2/02/03/01/3527 , HAFITE UBUSO BUNGANA NA **1582 QM** N'AGACIRO KANGANA NA MILIYONI CUMI N' ESHATU N'IBIHUMBI MAGANA ATANU NA MIRONGO ITATU (16,530,000 **FRWS),** IHEREREYE MU MUDUGUDU WA RUGARAMA, AKAGALI K'AKABOTI, UMURENGE WA KANSI**,** AKARERE KA GISAGARA

INGENGABIHE YO GUPIGANWA UKO ITEYE:

| GUPIGANWA | ITARIKI | UKWEZI | UMWAKA | ISAHA |
|---|---|---|---|---|
| INSHURO YA 1 | 01-08 | 12 | 2025 | SAA TANU (11H00) |
| INSHURO YA 2 | 10-17 | 12 | 2025 | SAA TANU (11H00) |
| INSHURO YA 3 | 19-26 | 12 | 2025 | SAA TANU (11H00) |

ABIFUZA GUPIGANWA BOSE BAGOMBA KWIYANDIKISHA KU RUBUGA IECMS.GOV.RW KANDI BAKISHYURA INGWATE Y'IPIGANWA INGANA N'IBIHUMBI MAGANA INANI NA MAKUMYABIRI NA BITANDATU NA MAFARANGA MAGANA ATANU (**826,500 FRWS**) AHWANYE NA **5%** BY'AGACIRO K'UMUTUNGO WAVUZWE HARUGURU. KWISHYURA INGWATE NUKUJYA KUMUTUNGO UGURISHWA KU RUBUGA ONLINE AUCTION UGAHABWA CODE YO KWISHYURIRAHO UGAHITAMO UBURYO BUKUNYUZE (BK CYANGWA MOBILE MONEY), UZEGUKANA INGWATE MURI CYAMUNARA AZISHYURA BINYUZE KURI KONTI **N0 461326440811**IRI MURI **BANK POPULAIRE DU RWANDA** KU MAZINA Y'USHINZWE KUGURISHA INGWATE ARIWE **MBANJENEZA ISAAC**.

GUSURA INGWATE BIKORWA BURI MUNSI MU MINSI Y'AKAZI. ABIFUZA IBINDI BISOBANURO BAHAMAGARA KURI TELEPHONE NGENDANWA ARIYO **0788249561**

.IFOTO N'IGENAGACIRO BYAWO BIBONEKA HAKORESHEJWE UBURYO BW'IKORANABUHANGA RYO KURANGIZA INYANDIKOMPESHA.

BIKOREWE I KIGALI NONE KUWA 18/11/2025

USHINZWE KUGURISHA INGWATE

Me MBANJENEZA Isaac

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

ITANGAZO RYA CYAMUNARA

KUGIRANGO HASHYIRWE MU BIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU **REF.NO.:** O25-228381 CYO KUWA **25/10/2025** CYO KUGURISHA INGWATE MURI CYAMUNARA HISHYURWA UMWENDA WA BANK, USHINZWE KUGURISHA INGWATE ME MBANJENEZA ISAAC ARAMENYESHA ABANTU KO AZATEZA MU CYAMUNARA AGURISHWA UMUTUNGO UTIMUKANWA UGIZWE N'INZU UFITE UPI:3/06/18/05/3737 , HAFITE UBUSO BUNGANA NA **437 QM** N'AGACIRO KANGANA NA MILIYONI EBYIRI N'IBIHUMBI MAGANA ANE NA MIRONGO INE NA BITANDATU NA MAFARANGA MAGANA ATANU (3,225,000 **FRWS),** BUHEREREYE MU MUDUGUDU WA CYUNGURIRO, AKAGALI KA RUGANDA, UMURENGE WA RWIMBOGO**,** AKARERE KA RUSIZI

INGENGABIHE YO GUPIGANWA UKO ITEYE:

| GUPIGANWA | ITARIKI | UKWEZI | UMWAKA | ISAHA |
|---|---|---|---|---|
| INSHURO YA 1 | 01-08 | 12 | 2025 | SAA TANU (11H00) |
| INSHURO YA 2 | 10-17 | 12 | 2025 | SAA TANU (11H00) |
| INSHURO YA 3 | 19-26 | 12 | 2025 | SAA TANU (11H00) |

ABIFUZA GUPIGANWA BOSE BAGOMBA KWIYANDIKISHA KU RUBUGA IECMS.GOV.RW UZEGUKANA INGWATE MURI CYAMUNARA AZISHYURA BINYUZE KURI KONTI **N0 461326440811**IRI MURI **BANK POPULAIRE DU RWANDA** KU MAZINA Y'USHINZWE KUGURISHA INGWATE ARIWE **MBANJENEZA ISAAC**.

GUSURA INGWATE BIKORWA BURI MUNSI MU MINSI Y'AKAZI. ABIFUZA IBINDI BISOBANURO BAHAMAGARA KURI TELEPHONE NGENDANWA ARIYO **0788249561**

.IFOTO N'IGENAGACIRO BYAWO BIBONEKA HAKORESHEJWE UBURYO BW'IKORANABUHANGA RYO KURANGIZA INYANDIKOMPESHA.

BIKOREWE I KIGALI NONE KUWA 18/11/2025

USHINZWE KUGURISHA INGWATE

Me MBANJENEZA Isaac

Appointed RECEIVER
TEL: 0788 249 561
MBANJENEZA ISAAC

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

ITANGAZO RYA CYAMUNARA

KUGIRANGO HASHYIRWE MU BIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU **REF.NO.:** O25-228341 CYO KUWA **25/10/2025** CYO KUGURISHA INGWATE MURI CYAMUNARA HISHYURWA UMWENDA WA BANK, USHINZWE KUGURISHA INGWATE ME MBANJENEZA ISAAC ARAMENYESHA ABANTU KO AZATEZA MU CYAMUNARA AGURISHWA UMUTUNGO UTIMUKANWA UGIZWE N'UBUTAKA BUFITE UPI:2/04/14/04/4317 , HAFITE UBUSO BUNGANA NA **1264 QM** N'AGACIRO KANGANA NA MILIYONI ESHATU N'IBIHUMBI MAGANA ARINDWI NA MIRONGO ICYENDA NA BIBIRI (3,792,000 **FRWS),** IHEREREYE MU MUDUGUDU W'AGASHARU, AKAGALI KA MPARE, UMURENGE WA TUMBA**,** AKARERE KA HUYE

INGENGABIHE YO GUPIGANWA UKO ITEYE:

| GUPIGANWA | ITARIKI | UKWEZI | UMWAKA | ISAHA |
|---|---|---|---|---|
| INSHURO YA 1 | 01-08 | 12 | 2025 | SAA TANU (11H00) |
| INSHURO YA 2 | 10-17 | 12 | 2025 | SAA TANU (11H00) |
| INSHURO YA 3 | 19-26 | 12 | 2025 | SAA TANU (11H00) |

ABIFUZA GUPIGANWA BOSE BAGOMBA KWIYANDIKISHA KU RUBUGA IECMS.GOV.RW UZEGUKANA INGWATE MURI CYAMUNARA AZISHYURA BINYUZE KURI KONTI **N0 461326440811**IRI MURI **BANK POPULAIRE DU RWANDA** KU MAZINA Y'USHINZWE KUGURISHA INGWATE ARIWE **MBANJENEZA ISAAC**.

GUSURA INGWATE BIKORWA BURI MUNSI MU MINSI Y'AKAZI. ABIFUZA IBINDI BISOBANURO BAHAMAGARA KURI TELEPHONE NGENDANWA ARIYO **0788249561**

.IFOTO N'IGENAGACIRO BYAWO BIBONEKA HAKORESHEJWE UBURYO BW'IKORANABUHANGA RYO KURANGIZA INYANDIKOMPESHA.

BIKOREWE I KIGALI NONE KUWA 18/11/2025

USHINZWE KUGURISHA INGWATE

Me MBANJENEZA Isaac

Appointed RECEIVER
TEL: 0788 249 561
MBANJENEZA ISAAC





## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

ITANGAZO RYA CYAMUNARA

KUGIRANGO HARANGIZWE ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU MURI RDB GIFITE NUMERO: **025-207204 NO 00860/2025/RCV/ORG** CYO KUWA **02/10/2025** CYO KUGURISHA INGWATE MURI CYAMUNARA HAGAMIJWE KWISHYURA UMWENDA WA BANKI;

UWASHINZWE KUGURISHA INGWATE **Me KARARA EMMANUEL** ARAMENYESHA ABANTU BOSEKO AZAGURISHA MURI CYAMUNARA KU NSHURO YA MBERE UMUTUNGO UTIMUKANWA UGIZWE N'INZU YO GUTURAMO IRI MUKIBANZA GIFITE **UPI: 1/02/09/03/1253** GIHEREREYE MU MUDUGUDU WA **URUGWIRO**, AKAGARI KA NYAGATOVU , UMURENGE WA **KIMIRONKO**, AKARERE KA **GASABO**, INTARA UMUJYI WA KIGALI, KUGIRA NGO HISHYURWE UMWENDA WA BANKI ;

**UKO CYAMUNARA ZIZAKURIKIRANA BINYUZE MU BURYO BW'IKORANABUHANGA:**

| CYAMUNARA | UMUNSI/ UKWEZI CYAMUNARA IZATANGIRIRAHO, IKANARANGIRIRAHO | ISAHA |
|---|---|---|
| INSHURO 1 | IZATANGIRA 15/11/2025 saa munani za manywa kugeza tariki ya 22/11/2025 saa munani zamanywa | SAA MUNANI 14H00 |
| INSHURO 2 | IZATANGIRA 24/11/2025 saa munani zamanywa kugeza tariki ya 01/12/2025 saa munani zamanywa | SAA MUNANI 14H00 |
| INSHURO YA 3ARINAYO YA NYUMA | IZATANGIRA 03/12/2025 saa munani kugeza tariki ya 10/12/2025 saa munani zamanywa | SAA MUNANI 14H00 |

UMUTUNGO UGURISHWA UFITE UBUSO BUNGANA NA **$M^2$ 248** (sqm). UKABA UFITE AGACIRO KANGANA NA **(69,832,358 frw).INGWATE Y'IPIGANYWA INGANA NA 5% N'UKUVUGA 3,491,617,9 frw** YISHYURWA KURI KONTI YA MIMIJUSTIN
CYAMUNARA IZAKORWA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA. ABIFUZA GUPIGANWA BAZABIKORA BACIYE K'URUBUGA: WWW.CYAMUNARA.GOV.RW.

GUSURA UMUTUNGO BIZAJYA BIKORWA MU MINSI NO MU MASAHA Y'AKAZI.

- ABIFUZA IBINDI BISOBANURO BABARIZA KURI NUMERO YA TELEPHONE IGENDANWA IKURIKIRA: **0788830615**
- IFOTO N'IGENAGACIRO BY'UMUTUNGO UGURISHWA BIBONEKA HAKORESHEJWE UBURYO BW'IKORANABUHANGA RYO KURANGIZA INYANDIKOMPESHA RIBONEKA K'URUBUGA : WWW.CYAMUNARA.GOV.RW

N.B: UZABA YATSINDIYE KWEGUKANA UYU MUTUNGO AZISHYURA ACISHIJE UBWISHYU BWE KURI KONTI N°: konti **N° 7081177** yanditse mumazina ya Me **KARARA Emmauel** iri muri **CSS**

BIKOREWE I KIGALI KUWA **05/11/2025**

**Me KARARA Emmanuel**
**Ushinzwe kugurisha ingwate**

Me KARARA Emmanuel
Tel:0788830615
USHINZWE GUCUNGA INGWATE

## ITANGAZO

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU**

### INGINGO Z'INGENZI Z'IMPAMVU YO GUSABA GUHINDUZA AMAZINA

Turamenyesha ko uwitwa UMWANZAVUGAYE Alex mwene Hategekimana Laurent na Nyirasinumvayabo, utuye mu Mudugudu wa Gakoni, Akagari ka Nyabugogo, Umurenge wa Kigali, Akarere ka Nyarugenge, mu Mujyi wa Kigali wanditse asaba uburenganzira bwo guhinduza amazina asanganywe ariyo UMWANZAVUGAYE Alex, akitwa GISA MISTER Alex mu gitabo cy'irangamimerere. Impamvu atanga yo guhinduza izina ni Izina niswe n'ababyeyi.

Byemejwe na

HABIMANA Dominique

**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu**

Bikorewe i Kigali,
ku wa **03/11/2025**

**Sikana iyo code mu kugenzura iyi nyandiko**
CYANGWA
**Ugenzure ku irembo**
ukoresheje nomero ya dosiye
**B250905155922XXO2**

# Rusizi: Abahinzi b'umuceri barinubira imbuto zitagitanga umusaruro



**Bafite impungenge z'umuceri utagitanga umusaruro nka mbere**

**BAHUWIYONGERA Sylvestre**

***Abahinzi b'umuceri mu kibaya cya Bugarama baravuga ko imbuto z'umuceri muremure yitwa Fashingabo n'Imbaturabukungu zitagitanga umusaruro kubera igihe kirekire zimaze zihingwa zitagira izo basimburanya, zikaba zikomeje kubashyira mu gihombo aho kubazanira inyungu, bagasaba RAB kubaha izizunganira.***

Bavuga ko izi mbuto zombi bamaze imyaka irenga 10 bazihinga. Zaje zisimbura izindi na zo zari zimaze igihe zitari zigitanga umusaruro ufatika, babonye izo babona umusaruro mwiza, none nazo ubu nta musaruro zigitanga, zatangiye gufatwa n'uburwayi batazi.

Nyiransabimana Thamar uwuhinga muri koperative ya COPRORIKI, avuga ko ari umuhamya w'igihombo baterwa n'izi mbuto zitakera mu gishanga cy'umuceri cya Bugarama n'uburwayi bwa hato na hato zitagiraga mbere.

Ati: "Ngitangira guhinga Fashingabo mu myaka irenga 10 ishize, nasaruraga imifuka 15 kuzamura. Ubu sindenza imifuka 12 kandi nakoresheje imbaraga ziruta izo nakoreshaga icyo gihe. Imbaturabukungu, nezaga imifuka 16 kuzamura ku butaka mpingaho. Ubu na bwo nakoze iyo bwababaga ntirenza 12."

Mukeshimana Thacienne uwuhinga muri koperative ya KOJIMU yagize ati: "Ariko niba hari imbuto tugihinga ari imwe kuva mu 2011 isaranganya ry'igishanga ritangiye, n'ubu idasimburwa, murumva itarahaze ubutaka? Icyo gihe igikurikiraho ni ukurwaragurika, ntitange umusaruro yatangaga mbere kuko nta ngufu iba igifite."

Yongeyeho ati: "Ni byo biri kutubaho muri iki kibaya. Basomati ni yo igipfa guhanyanyaza nubwo na yo itagihumura neza nka mbere, ariko izo zindi nta musaruro ugaragara zigitanga. Zikeneye kugira izo tuzisimburanya kuko tutakirenza toni 4 kuri hegitari kandi mbere zararengaga 6."

Umuyobozi w'ihuriro ry'amakoperative y'abahinzi b'umuceri mu kibaya cya Bugarama, Ukozehasi André, avuga ko iki kibazo gihangayikishije abahinzi b'umuceri barenga 7 500.

Ati: "Tubona nk'uburwayi bwibasira izi mbuto n'udusimba twitwa utumatirizi tuzibasha, biterwa n'uko izi mbuto nta ngufu zigifite zo guhangana n'ubutaka bw'ino, ibyo abahinzi bavuga ni ukuri natwe turabibona na RAB irabibona inatwizeza buri gihe igisubizo kirambye ni uko gitinda."

Umuyobozi Mukuru w'agateganyo wa RAB, Dr Solange Uwituze avuga ko iki kibazo bakizi n'igisubizo cyacyo kiri gushakwa.

Ati: "Abahinzi b'umuceri mu gishanga cya Bugarama bibanze ku guhinga imbuto 2 ari zo Fashingabo ufite intete ndende itanga umusaruro uri hagati ya toni 6-7 kuri hegitari n'Imbaturabukungu kubera ko zifite igiciro cyiza ku isoko n'umusaruro mwiza. Ariko banahinga n'izindi mbuto nka Twigire na Jya mbere zitanga umusaruro uri hagati ya toni 5-6 kuri hegitari."

Yongeyeho ati: "Mu rwego rwo kongera imbuto z'umuceri zihingwayo, hari imbuto nshya yitwa 'Keza' yunganira Basmati, irimo gutuburwa kugira ngo izahahingwe ku bwinshi yunganire. Mu gihembwe cy'ihinga B kizatangira muri Mutarama umwaka utaha, iyi mbuto ya Keza izatangira kugera ku bahinzi."

Yavuze kandi ko Rab iteganya gusohora ubundi bwoko bufite intete ndende, zinafite umusaruro uri hejuru ya Fashingabo.

Asaba abahinzi kwihangana akabizeza ko ibi bizaba ari ibisubizo birambye.

Ikibaya cy'umuceri cya Bugarama gihingwa kuri hegitari hafi 1500, hagahingwa n'amakoperative 4 agizwe n'abahinzi barenga 7500.

Imvaho Nshya Imyidagaduro

MUTETERAZINA Shifah

# Kigali: Ababyeyi basabwe kujya bazana abakiri bato mu bitaramo by'umuco

***Ubuyobozi bw'Umujyi wa Kigali bwasabye abaturage bawo kwitabira uruhererekane rw'ibitaramo byiganjemo ibihangano gakondo byiswe 'Kigali Dutarame', bubasaba kujya bazana abakiri bato bagasogongera ku byiza by'umuco nyarwanda.***



Amatike y'icyo gitaramo yarangiye ku gicamunsi

Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali Dusengiyumva Samuel, yavuze ko igitaramo cyabaye mu ijoro ryo ku wa 22 Ugushyingo 2025, ari intangiriro y'uruhererekane rw'ibitaramo bigiye kujya biba hagamijwe gushyushya Abanyakigali no guteza imbere abahanzi.

Icyo gitaramo cyatumiwemo abahanzi n'amatorero y'imbyino gakondo, kikaba ari na cyo cyabimburiye gahunda y'ibitaramo yiswe 'Umujyi Ushyushye'.

Meya Dusengiyumva Samuel, yagize ati: "Iyi ni intangiriro nziza y'ibitaramo biryoshye bizajya biba mu Mujyi wa Kigali, muzakomeze mwitabire muri benshi, Ndashimira ababyeyi baje bakazana n'abana babo.

Abatabazanye ubutaha muzabazane kugira ngo dukomeze tubigishe umuco wacu. Iyi ni intangiriro nziza y'ibitaramo biryoshye bizajya biba mu Mujyi wa Kigali."

Akomeza avuga ko ari byiza ko abakiri bato bajya bitabira ibitaramo by'imbyino gakondo kuko hari byinshi bakwigiramo bishingiye ku muco nyarwanda byiyongera ku gutarama bakizihirwa.

Ati: "Umuco wacu urimo byinshi byiza, harimo indirimbo, imbyino, ibisigo n'imyambaro n'ibindi byiza. Mureke dufatanye duteze imbere abahanzi bacu na ba rwiyemezamirimo bakora ibyiza nk'ibi duteza imbere umuco wacu."

Iki gitaramo cyatangiye ahagana saa moya z'ijoro, urubyiniro rufungurwa n'Itorero Indatirwabahizi ry'Umujyi wa Kigali baherekejwe n'abana bato bavuze ibigwi bya Kigali.

Nyuma haje gukurikiraho Itorero Ishyaka ry'Intore ryatangiriye ku ndirimbo 'Ubutore' n'izindi nyinshi zatumye abari aho bizihirwa.



Abitabiriye banyuzwe n'amatorero atandukanye hamwe n'abahanzi baririmba gakondo

Nyuma y'ayo matorero hakurikiyeho umuhanzi Bukouru, na we akurikirwa na Teta Diana wagaragarijwe ko yari akumbuwe ubwo yaririmbaga izirimo Agashinge, Fata Fata, Velo, Birangwa n'izindi.

Muri icyo gitaramo hakurikiyeho umuhanzi Ruti Joel wagaragarijwe n'urubyiruko ko akunzwe cyane, kuko abenshi bahagurutse bakabyina indirimbo ze zitandukanye zirimo Igikobwa, Musomandera, Maliza, na Rutakisha yitiriye Alubumu baherutse gusohora yahuriyeho na Clement the Guitalist.

Itsinda ry'Ibihame by'Imana ryasanze Ruti ku rubyiniro baririmbana indirimbo bise 'Ibihame' ikundwa n'abatari bake nyuma y'amezi agera muri 11 yari amaze yararivuyemo.

Hakurikiyeho Itorero Inyamibwa ryanyuze benshi mu mbyino z'Umurindi, Itorero Inganzo Ngari na ryo rigana ku rubyiniro.

Jules Sentore yishimiwe ndirimbo yabanjirijeho, igitaramo gisozwa n'Intore Massamba watoje benshi mu babanje kunyura ku rubyiniro.

Igitaramo kitabiriwe n'ibyamamare n'abanyacyubahiro batandukanye barimo Muyango Jean Marie, Cécile Kayirebwa, Yvan Muziki, Dj Pius, Minisitiri Utumatwishima Abdallah n'abandi.

Biteganyijwe ko igitaramo 'Kigali Dutarame' kizaba ngarukamwaka, aho abahanzi gakondo bazajya bahurizwa hamwe mu rwego rwo kuzirikana indangagaciro n'amahame biranga umuco nyarwanda.



Ruti Joel yasusurukije abitabiriye igitaramo




Teta Sandra yakiranywe urukumbuzi rwinshi n'abitabiriye igitaramo



Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali Dusengiyumva Samuel, yasabye ababyeyi kujya bazana n'abakiri bato mu bitaramo gakondo







Bononie Mugabe yagizwe Umunyamabanga Mukuru wa FERWAFA

# Bonnie Mugabe yagizwe Umunyamabanga Mukuru wa FERWAFA

SHEMA Ivan

***Ishyirahamwe ry'Umupira w'Amaguru mu Rwanda (FERWAFA) ryagize Bononie Mugabe Umunyamabanga Mukuru, asimbuye Mugisha Richard wari kuri uwo mwanya by'agateganyo abifatanya no kuba Visi Perezida waryo ushinzwe Tekinike.***

FERWAFA yabitangaje kuri uyu wa Gatandatu, tariki ya 22 Ugushyingo 2025 mu itangazo yashyize ahagaragara rigaragaza ko Mugabe azatangira imirimo yahawe kuva tariki ya 1 Ukuboza 2025.

Iti: "Komite Nyobozi ya FERWAFA iramenyesha Abanyarwanda bose n'abakunzi b'umupira w'amaguru ko Bonnie Mugabe yagizwe Umunyamabanga Mukuru wa FERWAFA, guhera tariki ya 1 Ukuboza 2025."

Mugabe afite ubunararibonye mu bijyanye n'umupira w'amaguru, yakuye mu kazi yakoze, haba mu itangazamakuru rya siporo, mu nshingano zitandukanye muri FERWAFA, mu Impuzamashyirahamwe y'Umupira w'Amaguru muri Afurika (CAF) no muri FIFA.

Bonnie Mugabe yari asanzwe ari umuyobozi mu Ishyirahamwe ry'Umupira w'Amaguru ku Isi (FIFA) ushinzwe umutekano ku bibuga.

Uyu mugabo yakoze imyaka irindwi muri FERWAFA aho yatangiye ashinzwe itangazamakuru, aba Umuvugizi wayo abifatanya no kuba ushinzwe itangazamakuru muri CECAFA na CAF, aba no mu ishami rishinzwe amarushanwa.

Bonnie Mugabe afite impamyabumenyi y'icyiciro cya gatatu (Master's Degree) mu bijyanye n'Imiyoborere n'Imicungire y'Umupira w'Amaguru, yakuye muri Kaminuza ya Leicester mu Bwongereza, akaba ari amasomo atangwa ku bufatanye bw'ikigo cya CIES n'Ishyirahamwe ry'Umupira w'Amaguru ku Isi (FIFA).

# Kera kabaye Musanze FC yongeye gutsindira APR FC muri Shampiyona



Ikipe ya Musanze FC yatsinze APR FC ibitego 3-2

SHEMA Ivan

***Ikipe ya Musanze FC yatsinze APR FC ibitego 3-2 nyuma y'imyaka itatu, mu mukino w'Umunsi wa munani wa Shampiyona wabereye kuri Stade Ubworoherane, kuri uyu wa Gatandatu, tariki ya 22 Ugushyingo 2025.***

Musanze FC yari mu rugo yatangiye neza bidatinze ku munota wa 7 yafunguye amazamu ku gitego cyatsinzwe na Mutsinzi Charles ku mupira yateye ari hagati y'ubwugarizi bwa APR FC bananirwa kuwukoraho ujya mu rushundura.

Ku munota wa 20, Musanze FC yatsinze igitego cya kabiri ku mupira wavuye muri koruneri usanga Shabani Hussein 'Tchabalala' wari uhagaze neza awushyira mu izamu n'umutwe.

Iyi kipe y'Akarere ka Musanze FC yakomeje kurusha cyane APR FC yagaragazaga imbaraga nke cyane.

Ku munota wa 30, Musanze yongeye gusatira APR FC binyuze ku mupira wahinduwe mu rubuga rw'amahina na Ntijyinama Patrick, usanga Tchabalala awuteye ujya ku ruhande rw'izamu.

Ku munota wa 39, Mutsinzi Charles yahawe umupira mwiza ari inyuma y'urubuga rw'amahina, atera ishoti rikomeye rishyirwa na Pierre muri koruneri.

Iyi Koruneri yatewe neza umupira usanga, Bizimungu Omar wari hagati mu kibuga atera ishoti ari inyuma y'uburuga rw'amahina atsinda igitego cya gatatu.

Igice cya mbere cyarangiye Musanze FC yatsinze APR FC ibitego 3-0.

Mu igice cya kabiri, APR FC yagarukanye imbaraga itangira ishaka kugabanya umubare w'ibitego yari yatsinzwe.

Ku munota wa 64, APR FC yabonye igitego cya mbere cyo kwishyura ku mupira wahinduwe na myugariro Murangamirwa Serge yitsinze igitego ku mupira wagoye ubwugarizi bwa Musanze FC kugeza ugiye mu izamu.

Iyi Kipe yakomeje gusatira ishakisha uburyo bwiza William Togui yahushije arebana n'umunyezamu, ku bw'amahirwe ye asanga umusifuzi wo ku ruhande yari yagaragaje ko habayeho kurarira.

Uko iminota yicumaga APR FC yakomeje gusatira, mu gihe Musanze FC yugarira cyane ngo itishyurwa igitego cyayo.

Ku munota wa 87, APR FC yongeye kugabanya ikinyuranyo William Togui atsindira igitego cya kabiri ku ishoti rikomeye ryo hasi ateye ari mu rubuga rw'amahina ujya mu rushundura.

Iminota ya nyuma yihariwe cyane na APR FC yashakaga igitego cya gatatu cyari gutuma yizera kunganya ariko ubwugarizi n'umunyezamu Nsabimana Jean de Dieu bakomeza guhagarara neza.

Umukino warangiye Musanze FC yatsinze APR FC ibitego 3-2, ifata umwanya wa kabiri ku rutonde rw'agateganyo rwa shampiyona n'amanota 15.

Ni mu gihe APR FC yafashe umwanya wa gatandatu igumana amanota 11 mu mikino itandatu imaze gukina.

Musanze FC yaherukaga gutsinda APR FC muri Shampiyona tariki ya 16 Gashyantare 2022 mu mukino warangiye ari igitego 1-0 kuri Stade Ubworoherane.

Indi mikino yabaye uyu munsi, Amagaju FC yanganyije na Etincelles igitego 1-1, Rutsiro FC yabonye amanota atatu ya mbere itsinda Bugesera FC ibitego 3-2, Marines FC yatsinze Gorilla FC igitego 1-0 naho Police FC yatsinze Gicumbi FC ibitego 2-1.



Abafana ba APR FC ntibumvaga ibiri kuba ku ikipe yabo

Imvaho Nshya
# Siporo


NO .E-40 TARIKI 18 - 24 UGUSHYINGO 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# Rayon Sports yatsinzwe na AS Kigali ikomeza kugana ahabi

**SHEMA Ivan**

***AS Kigali yatsinze Rayon Sports ibitego 2-0 mu mukino w'umunsi wa munani wa Shampiyona wabereye kuri Kigali Pele Stadium kuri iki Cyumweru tariki ya 23 Ugushyingo 2025.***

Amakipe yombi yagiye gukina ataritwaye neza mu mikino iheruka, aho Rayon Sports yatsinzwe na APR FC ibitego 3-0 naho AS Kigali inganya na Police FC.

Ni umukino watangiye ugenda gake nta kipe irema uburyo bwo gutsinda igitego, umupira ukinirwa cyane mu kibuga hagati.

Ku munota wa 24, Rayon Sports yabonye uburyo bwa mbere bugana ku izamu ku mupira wazamukanywe na Aziz Bassane, usanga Tony Kitoga ateye ishoti rinyura ku ruhande.

Iyi Kipe yambara uburu n'umweru yakomeje gusatira ishaka gufungura izamu harimo uburyo bwiza bwabonywe na Adama Bagayogo atera ishoti rikomeye ari inyuma y'urubuga rw'amahina, umupira ufatwa neza n'umunyezamu Niyonkuru Kanuma Pascal.

Ku munota wa 38, umukino wagabanyije umuvuduko amakipe yombi atangira gukora amakosa menshi mu kibuga hagati.

Igice cya mbere cyarangiye amakipe yombi anganyije ubusa ku busa.

AS Kigali yatangiranye impinduka mu gice cya kabiri, Tuyisenge Arsene asimburwa na Dushimimana Olivier 'Muzungu'.



AS Kigali yatsinze Rayon Sports ibitego 2-0



Abakinnyi ba AS Kigali babanje mu kibuga

Muri iki gice, Rayon Sports yakomeje gusatira harimo uburyo bwiza bwahushijwe na Adama Bagayogo ku mupira watakajwe na Benedata Janvier, arobye umunyezamu Niyonkuru ujya hejuru gato.

Ku munota wa 65, AS Kigali yinjiye mu mukino itangira gusatira izamu rya Rayon Sports binyuze ku mipira yahindurwaga ivuye ku ruhande rw'iburyo.

Ku munota wa 68, Ndayishimiye Richard wa Rayon Sports yakoreye ikosa Rudasingwa Prince inyuma y'urubuga rw'amahina mu ruhande rw'iburyo.

Iri kosa ryahanwe na Ntirushwa Aime umupira usanga Nshimiyimana Tharcisse wari uhagaze neza atera ishoti rikomeye umunyenzamu Mugisha Yves ananirwa kuwkukuramo ujya mu izamu.

Ku munota wa 72, AS Kigali yabonye amahirwe yo gutsinda igitego cya kabiri ku mupira Iyabivuze Osee yinjiranye ateye ishoti rikomeye ukora kuri myugariro wa Rayon Sports ujya muri koruneri itagize icyo itanga.

Ku munota wa 83, AS Kigali yahushije igitego kidakunze guhushwa ku mupira Dushimimana Olivier yanze gutera mu izamu, awuha Iyabivuze Osee wagowe no gushyira umupira mu izamu ryambaye ubusa, ushyirwa muri Koruneri na myugariro wa Rayon Sports.

Iyi Koruneri yatewe neza na Aime Ntirushwa usanga Dushimimana Olivier 'Muzungu' wari uhagaze neza, atsinda igitego cya kabiri cya AS Kigali.

Iminota ya nyuma y'umukino Rayon Sports yagerageje gusatira ishaka kugabanya ikinyuranyo ariko biranga.

Umukino warangiye AS Kigali itsinze Rayon Sports ibitego 2-0 yongera kubona intsinzi nyuma gutsindwa imikino ibiri muri itatu iheruka gukina muri Shampiyona.

Rayon Sports yatsinzwe umukino wa kabiri wikurikiranya muri Shampiyona, nyuma yo gutsindwa na APR FC ibitego 3-0.

AS Kigali yafashe umwanya wa 11 n'amanota umunani mu gihe Rayon Sports yagumye ku mwanya wa kane n'amanota 13.

Undi mukino wabaye kuri iki Cyumweru, AS Muhanga yatsinze Mukura VS ibitego 2-1.

**Abakinnyi 11 babanje mu kibuga hagati b'impande zombi**

***Rayon Sports:***

Mugisha Yves, Yousou Diagne, Sindi Jesus Paul, Emery Bayisenge, Nshimiyimana Emmanuel, Richard Ndayishimiye, Ishimwe Fiston, Habimana Yves, Aziz Bassane, Adam Bagayogo na Tonny Kitoga.

**AS Kigali:**

Niyonkuru Kanuma Pascal, Eze Isaac, Janvier Benedata, ILias Rucogoza, Aime Ntirushwa, Tharcisse Nshimiyimana, Arsene Tuyisenge, Didier Ndayishimiye, Onyeabor Franklin Chukwuebuka, Osee Iyabivuze